# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-9 | TARIKI15-21 Mata 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



AMAKURU

Ubukerarugendo bwinjirije u Rwanda hafi miliyari 1 000 Frw



4

AMAKURU

Hasobanuwe icyatumye ubukene mu Rwanda bugabanyukaho 12,4%



5

MU NTARA

Nyabihu: Ayigihugu arashimira Nyirabufumbira wamurokoye muri Jenoside



13

IMYIDAGADURO

John Legend yasabye amahanga kwigira kuri Jenoside yakorewe Abatutsi



18


# Ivangura rihabanye n'Urukundo rw'Imana- Karidinali Kambanda

**KAMALIZA Agnes**

***Arikiyepisikopi wa Kigali Nyiricyubahiro Antoine Karidinali Kambanda, yagaragaje ko ivangura ry'Abahutu, Abatutsi, Abatwa cyangwa irindi iryo ari ryo ryose ari ibintu bidafututse kandi bihabanye n'urukundo rw'Imana.***

Karidinali Kambanda yavuze ibyo mu gihe u Rwanda ruri mu minsi ijana yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahereye ku ivangura no kubiba urwango rushingiye ku moko yimakajwe guhera ku ngoma y'Abakoloni.

Yabigarutseho ku Cyumweru tariki ya 20 Mata 2025 ubwo yari mu gitambo cya Misa ya Pasika.

Ivangura n'irondakoko ryatumye u Rwanda rutakaza abasaga miliyoni mu gihe cy'iminsi 100 ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse na nyuma y'imyaka 31 ishize mu bihugu by'abaturanyi hakomeje kugaragara ingaruka zaryo ziganisha ku kongera kwisubira kw'amateka yijimye yahekuye u Rwanda.

Karidinali Kambanda yavuze ko Kirisitu wazutse yahurije abantu mu muryango umwe w'Imana akabagira abavandimwe, agahanga ibintu bishya n'umuryango mushya uhuriwemo n'abantu bose ari bo bana b'Imana.

KOMEZA KU RUP.3



**Karidinali Kambanda asomera Misa abitabiriye Umunsi Mukuru wa Pasika**

# U Rwanda rurataha ku mugaragaro Ambasade yarwo muri Pakistan

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Jean Patrick Olivier, yatangiye uruzinduko rw'akazi rw'iminsi itatu muri Repubulia ya Kiyisilamu ya Pakistan.***

KOMEZA KU RUP.3



**Nyamasheke: Kibogora hatangiye kubaga hadasatuwe umubiri bakoresha ikoranabuhanga**

URUP.9

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Gasabo: Abatujwe mu Mudugudu w'AVEGA banyuzwe n'amabati RPC Ltd yabahaye



Ubuyobozi n'abakozi ba RPC Ltd basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali

**KAMALIZA Agnes**

**Abatujwe n'Umuryango w'Abapfakazi ba Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 (AVEGA -Agahozo) mu Kagari ka Bibare, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, banyuzwe n'inkunga y'amabati bahawe n'Ikigo cy'Icapiro ry'Igihugu gikora Ubucuruzi (Rwanda Printery Company/ RPC) izifashishwa mu gusana ayo macumbi arimo ayamaze gusaza.**

Bivugwa ko ayo macumbi yubatswe akanatuzwamo abantu hagati y'umwaka wa 1998 na 2000, hagamijwe gushakira ibisubizo byihuse abapfakazi ba Jenoside batagiraga aho baba mu rwego rwo kubashyigikira no kubahumuriza.

Kubera ko ayo macumbi yubakwaga mu buryo bwo gushaka ibisubizo byihuse kimwe n'andi yagiye yubakwa mu bice bitandukanye by'Igihugu, amenshi muri yo yarashaje ku buryo kuri ubu akeneye gusanwa.

Ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze n'Umuryango Ibuka bihaye intego yo gusanira abo baturage bo muri uwo Mudugudu uzwi nk'uw'AVEGA muri iyi minsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Abapfakazi ba Jenoside bahatuye bavuga ko amabati afite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda angana na miliyoni 1.5 bahawe na RPC kuri uyu wa Kane tariki ya 17 Mata 2025, aziye igihe kuko agiye kubafasha kugera kuri iyo ntego y'ubuyobozi.





Abakozi ba RPC Ltd bashyikirije abatuye mu Mudugudu wa AVEGA sheki ya miliyoni n'igice yo kugura amabati

Bemeza ko iyo nkunga yiyongereye ku yindi ikomeje gukusanywa n'abafatanyabikorwa batandukanye, ikaba izafasha mu gusana zimwe mu nzu zagurutse ibisenge n'inkuta zasadutse kandi ibyo bibagaragariza ko bakunzwe kandi bazirikanwa.

Bagaragaza ko bamwe muri bo bagizweho ingaruka n'imvura imaze iminsi igwa kuko yatumye ibisenge bitandatu by'ayo macumbi batuyemo biguruka n'amabati agatobagurika, bakaba bari kuvirwa.

Mukamunana Verediyana, Umuyobozi wa AVEGA mu Murenge wa Kimironko, yagize ati: "Inzu zirava kandi ibihe turimo ni iby'imvura n'umuyaga mwinshi amabati amwe yatangiye kuguruka. Hari abagerageza gusana ariko hari n'abadafite ubushobozi. Inkunga tubonye turishimye kandi ni itangiriro turizera ko zizasanwa."

Ndayishimiye Theogene, Perezida wa IBUKA mu Murenge wa Kimironko, na we avuga ko mu ntego bari barihaye harimo no gusana nibura inzu 10 z'abatuye muri uwo Mudugudu.

Yemeza ko iyo nkunga ihuriranye n'intego yabo kandi ibyo bikorwa bigiye kwihuta kuko bibonye andi maboko.

Yagize ati: "Bihuriranye n'igihe twari tubikeneye. Muri iyi minsi turi mu bihe bibi by'imvura kandi inzu zabo zarangiritse cyane kuko zimaze igihe kinini, inyinshi ibiti byo gusakariraho bimaze gusaza kimwe n'amabati, n'ibikuta bimwe na bimwe byagiye bisaduka."

Umuyobozi w'Agateganyo wa RPC Bizimana Jerome, agaragaza ko Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ari inshingano za buri wese, ndetse bijyanirana n'ibikorwa byo kwegera no gukomeza abayirokotse hatirengagijwe no kumva ibibazo bafite no kubishakira ibisubizo.

Avuga ko gufasha bitagombera kuba umuntu atunze byinshi ahubwo bisaba umutima ushaka.

Ati:"Umuntu ufite umutima ushaka ni we ufasha; rero izo nzu zifite ibibazo by'isakaro zivira abarokotse ni zo twahereyeho kandi turi gufatanya n'Umurenge kugira ngo tubasanire."

Yagaragaje ko kwiga amateka yaranze Igihugu, kuyasigasira no kuyigisha abakiri bato biri mu bikomeza Igihugu, ari na yo mpamvu abakozi ba RPC babanje gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, bunamira abasaga ibihumbi 259 bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi bashyinguwemo.

Bizimana avuga ko icyo amateka agomba gusigira abakozi muri rusange ari ugukorera hamwe birinda icyabatandukanya.

Ati: "Bituma twiga amateka y'Igihugu cyacu tugahuza ubumwe, ivangura tukarirwanya tugakora nta macakubiri."

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yasize abarenga miliyoni bishwe mu gihe cy'amezi atatu gusa, kubera ubukana n'imbaraga Leta yayiteguye ikanayishyira mu bikorwa yakoresheje.

Yasize ibihumbi amagana babaye imfubyi ndetse abarenga ibihumbi 85 basigara barera barumuna babo n'abandi bo mu miryango mu gihe na bo bari bagikeneye kurerwa.





# Ivangura n'irondakoko bihabanye n'urukundo rw'Imana- Karidinali Kambanda

IBIKURIKIRA URUP.1

Yagize ati: "Ivangura n'irondakoko ni ibintu bidafite igisobanuro. Iryo ari ryo ryose rihabanye bikomeye n'ukwemera ukuzuka kwa Kirisitu."

Yagaragaje ko Abanyamahanga batajya basobanukirwa icyo Abanyarwanda bahoraga abandi mu 1994, kuko bitumvikana ukuntu bicanye bahuje imyemerere, ururimi n'umuco.

Yagize ati: "Abanyamahanga rimwe na rimwe baranatubaza ngo mwebwe muvuga uruhe rurimi? Uvuga ururimi rw'Abatutsi cyangwa uvuga ururimi rw'Abahutu? Ntibanabyumve bakibaza n'icyo dupfa [...] Ese ni Abapagani cyangwa Abayisilamu batoteza Abakirisitu barwana bicana?... Ugasanga bose ni Abakirisitu cyangwa Abasilamu hagati yabo.... Nonese mupfa iki?"

Yifashishije Ivanjili Ntagatifu agaragaza mbere y'uko Abayisiraheli basobanukirwa icyo urukundo rw'Imana rusaba banenaga Abanyamahanga (abo badahuje) babafata nk'ibizira.

Ariko nyuma yo kumenya urumuri rwo kuzuka kwa Kirisitu byatumye ubwoko bw'Abayisiraheli busobanukirwa urukundo rw'Imana batangira gusabana ari nabwo Petero yatinyutse kujya mu rugo rw'umunyamahanga.

Ati: "Petero yateye intambwe ikomeye amaze kumenya ukuzuka kwa Kirisitu araterura imbere y'ikoraniro ry'abo Banyamahanga n'Abapagani ati 'bavandimwe numvise ko Imana itarobanura, numvise ko Imana inyurwa n'umuntu wa buri hanga iryo ari ryo ryose uyitinya kandi agaharanira ubutungane."

Karidinali Kambanda yasabye abantu kurenga imbibi z'ivangura nkuko Intumwa za Yezu Kirisitu zahagurukiye kwamamaza inkuru nziza zikarenga amoko, kwitandukanya n'abo badasa uruhu cyangwa badafite ibyo bahuje ahubwo bakamamaza ukuri k'urukundo rw'Imana rubagira abavandimwe.

Abakirisitu Gatolika banyuzwe n'impanuro za Karidinali Kambanda, bashimangira ko udashobora kuba umuyoboke wa Kirisitu mu gihe ivangura n'irondakoko ryagusabitse.

Bemera ko ijambo ry'Imana ryigisha urukundo nyakuri rutuma umuntu abona mugenzi we mu ishusho y'Imana, akirinda ikibi n'ibindi byaha bimutandukanya nayo.

Bagaragaza ko abantu bakwiye kuba abakirisitu ba nyabo bakirinda ivangura iryo ari ryo ryose kuko mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abantu barasengaga ariko badakijijwe ari na yo mpamvu yabateye gukora amahano.

Habimana Gabriel yagize ati: "Nubwo hari Abakirisitu ariko ntibari bakijijwe mu mutima ari na yo mpamvu byabaye bakica kuko batari basobanukiwe urukundo rw'ukuri."

Yagaragaje ko uwimakaza amacakubiri aba yiyitirira ubukirisitu kuko uwasobanukiwe urukundo nyarwo atagira ivangura, inzangano cyangwa ngo akore ubwicanyi.

Ati: "Umuntu ukora ibihabanye n'ibyo Ijambo ry'Imana rivuga nta mukirisitu umurimo. Nta mukirisitu usambana, ntiyagira ivangura, ntiyanakora Jenoside."

# U Rwanda ruratahа ku mugaragaro Ambasade yarwo muri Pakistan

IBIKURIKIRA URUP.1

Imwe mu ngingo z'ingenzi z'uru ruzinduko ni ugutaha ku mugaragaro Ambasade y'u Rwanda muri Islamabad mu Murwa Mukuru wa Pakistan, nk'intambwe ikomeye yo kurushaho kwimakaza ubutwererane bw'ibihugu byombi.

Icyicaro cy'Ambasade y'u Rwanda cyatangiye gukorera muri Islamabad guhera mu mwaka ushize wa 2024.

Uru ruzinduko rwa mbere rwa Minisitiri Amb. Nduhungirehe muri Islamabad rwatangiye ku Cyumweru tariki ya 20 Mata rukazageza ku wa Kabiri tariki ya 22 Mata 2025, rugamije kurushaho kwimakaza ubutwererane bw'u Rwanda na Pakistan mu bya dipolomasi.

Urwo ruzinduko rubaye nyuma y'ubutumire Minisitiri Amb. Nduhungirehe yahawe na Minisitiri w'Intebe wungirije akaba na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Pakistan, Sen. Mohammad Ishaq Dar.

Ni uruzinduko kandi Leta ya Pakistan ndetse n'u Rwanda bibona nk'indi ntambwe y'ingenzi mu kurushaho kwimakaza umubano uzira amakemwa mu bya dipolomasi.

Biteganyijwe ko mu gihe Amb. Nduhungirehe azamara muri Islamabad azagirana ibiganiro na mugenzi we Sen. Ishaq Dar bizibanda ku ngamba zo kurushaho kwimakaza ubutwererane bw'ibihugu byombi mu nzego zinyuranye.

Nanone kandi, Amb. Nduhungirehe azahura n'abayobozi batandukanye muri Guverinoma barimo Minisitiri w'Intebe, Perezida wa Sena n'abandi baminisitiri, mu kurushaho gusesengura amahirwe yo kurushaho kwagura ubufatanye bw'ibihugu byombi.

Biteganyijwe kandi ko Minisitiri Amb. Nduhungirehe ahura



Minisitiri Amb. Nduhungirehe Olivier yakiranywe urugwiro muri Pakistan

n'abashoramari bo muri Pakistan aho baganira ku mahirwe ahari yo kurushaho kwagura imikoranire mu bucuruzi n'ishoramari.

Mu mwaka wa 2023, Pakistan yohereje mu Rwanda ibicuruzwa bifite agaciro k'ibihumbi 456 by'amadolari ya Amerika, byiganjemo imiti ipfunyitse ifite agaciro k'ibihumbi 275 by'amadolari ya Amerika.

Hagati aho, ibicuruzwa u Rwanda rwohereje muri Pakistan muri uwo mwaka bifite agaciro ka miliyoni 26.8 z'amadolari ya Amerika, aho icyayi ari cyo cyari cyinshi kuko gifite agaciro ka miliyoni 26.7 z'amadolari ya Amerika.

U Rwanda na Pakistan byatangiye umubano mu bya dipolomasi guhera mu kwezi kwa Nyakanga 1962, kuva icyo gihe kugeza uyu munsi ibihugu byombi bikaba bifatanya mu nzego zirimo ubucuruzi n'ishoramari, ibya gisirikare ndetse n'urwego rw'ubuzima.

Muri Gashyantare 2021, Pakistan yafunguye Ambasade yayo i Kigali, mu gihe mbere y'aho inyungu z'icyo gihugu zarebererwaga n'Ambasade yacyo y'i Nairobi muri Kenya.

Muri Gashyantare 2024, Guverinoma y'u Rwanda yemeje ishyirwaho rya Ambasade yayo muri Pakistan maze ku ya 15 Nyakanga 2024, Ambasaderi wa mbere w'u Rwanda muri Pakistan Fatou Harerimana ashyikiriza Perezida wa Pakistan inyandiko zimwemerera guhagararira igihugu cye.

U Rwanda rubona amahirwe y'ubutwererane na Pakistan mu guhererekanya ubumenyi, gahunda zihuriweho z'ubushakashatsi, ishyirwa mu bikorwa ry'ikoranabuhanga ryimakaza kubungabunga ibidukikije hagamijwe iterambere rirambye.

Kuri gahunda y'urwo ruzinduko, biteganyijwe ko ibiganiro bihuza impande zombi bishobora kubyara isinywa ry'amasezerano y'ubufatanye mu nzego zitandukanye.

# Perezida Kagame yakiriye ubutumwa bwa Bassirou Diomaye Faye

**NTAWITONDA Jean Claude**

**Ku gicamunsi cyo kuri uyu wa Kabiri tariki ya 15 Mata 2025, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yakiriye ubutumwa yohererejwe na Perezida wa Senegal Bassirou Diomaye Faye, bamaze ibyumweru bike baganiriye kuri telefoni.**

Ni ubutumwa bwazanywe na Minisitiri ushinzwe Ukwihuza kw'Afurika n'Ububanyi n'Amahanga muri Senegal Yassine Fall, uri mu ruzinduko rw'akazi mu Rwanda, aho yakiriwe na Perezida Kagame mu biro bye uyu munsi.

Mu biganiro kuri telefoni Perezida Kagame aheruka kugirana na Diomaye ku wa 27 Werurwe, bari baganiriye ku ntambwe imaze guterwa mu kwimakaza amahoro mu Karere binyuze mu biganiro biyobowe n'Afurika ndetse n'umusanzu mwiza ukomeje gutangwa n'amahanga yo hanze yAkarere.

Ibiganiro biyobowe n'Afurika byagarutsweho ni ibyahuje ibya Luanda n'ibya Nairobi ku bufatanye bw'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) n'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo (SADC), bigamije guharanira amahoro arambye mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) no mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Ibyo biganiro byabaye mu gihe mu Burasirazuba bwa Congo hakomeje intambara ihuje Ingabo za Leta FARDC n'umutwe wa M23 uharanira kurwanya akarengane, ivanguramoko n'itotezwa rishingiye ku moko n'ururimi ku cyiciro cy'Abanyekongo bamburwa uburenganzira bwabo ku Gihugu.

Mu myaka irenga 20 ishize, Abanyekongo bo mu bwoko bw'Abatutsi bagiye barenganywa aho ibihumbi amagana bahungiye mu bihugu by'abaturanyi birimo n'u Rwanda rucumbikiye abasaga 130.000.

Icyo gihe nanone Perezida Kagame na mugenzi we Diomaye banaganiriye ku butwererane bukomeye kandi butanga inyungu ku baturage b'u Rwanda n'aba Senegal.

Hashize umwaka Bassirou Diomaye Faye atorewe kuba Perezida mushya wa Sénégal n'amajwi y'agateganyo 53.7%.

Icyo gihe Diomaye w'imyaka 44 yahigitse abarimo Amadou Ba wahoze ari Minisitiri w'Intebe w'iki gihugu cyo mu Burengerazuba bwa Afurika.

Nyuma yo gutorwa kwa Diomaye, Perezida Kagame yamugeneye ubutumwa bwo kumushimira, aho yagize ati: "Intsinzi yawe ni igihamya cy'ukuri cy'icyizere abaturage bagufitiye, nkaba mbashimira ko amatora yabaye mu mahoro."

Icyo gihe nanone Perezida Kagame yashimangiye ko yizeye ko umubano mwiza u Rwanda na Sénégal bifitanye uzarushaho gutera imbere.

Bassirou Diomaye Faye yabaye Perezida wa Sénégal wa gatanu ndetse ni we muto mu bayoboye igihugu.

Yicaye muri Perezidansi nyuma y'ibyumweru bibiri afunguwe kuko yatawe muri yombi akurikiranyweho ibyaha birimo gutangaza ibihuha no guharabikana.

Diomaye akimara gutorwa yavuze ko yiteguye kuyobora yicishije bugufi, kwimakaza gukorera mu mucyo no guhashya ruswa mu nzego zose.

U Rwanda na Sénégal bisanzwe bifite umubano ushingiye kuri dipolomasi na politiki ndetse byashyize umukono ku masezerano arimo ay'ubufatanye mu by'umuco, ay'ubutwererane rusange n'ayandi.



Perezida Paul Kagame yashyikirijwe ubutumwa bwa mugenzi we wa Senegal Bassirou Diomaye Faye



Ba mukerarugendo banyurwa n'ubwiza nyaburanga bw'u Rwanda

# Ubukerarugendo bwinjirije u Rwanda hafi miliyari 1 000 Frw

**KAYITARE Jean Paul**

***Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere, RDB, rwatangaje ko ubukerarugendo bwinjirije u Rwanda miliyoni 647 z'amadolari ya Amerika ni ukuvuga hafi miliyari 1 000 z'amafaranga y'u Rwanda mu mwaka ushize wa 2024.***

Raporo ya RDB y'umwaka wa 2024 igaragaza ko miliyoni 1.36 basuye igihugu muri uwo mwaka. Ubukerarugendo bushingiye ku gusura Ingagi zo mu Birunga bwazamutseho 27% ugereranyije n'umwaka wabanjirije uwa 2024.

Iyi raporo igaragaza ko ubukerarugendo bushingiye ku gusura Ingagi, bwinjirije u Rwanda miliyoni 200 z'amadolari ya Amerika, ni ukuvuga miliyoni hafi 300 z'amafaranga y'u Rwanda.

Inama, amahuriro, n'imurika (MICE) byinjirije u Rwanda miliyoni 84.8 z'amadolari ya Amerika aturutse ku nama 115 u Rwanda rwakiriye, zikitabirwa n'abasaga 52 000.

RDB ifite intego yo kwinjiza miliyari zisaga Eshatu z'amadolari ya Amerika azava no mu ishoramari rishya rishya ndetse ikazarenza miliyoni 700 z'amadolari ya Amerika mu bukerarugendo.

Ibyingenzi byihutirwa birimo kwagura ibyanya by'inganda, kuzamura serivisi binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga no gushimangira urusobe rw'ibinyabuzima mu guhanga udushya, kubungabunga ibidukikije no kwihangira imirimo.

U Rwanda kandi rugiye kwakira ibirori bikomeye ku Isi, harimo ibirori by'umuhango wo Kwita Izina Gorilla ruzakira ku nshuro ya 20 ndetse na Shampiyona y'Isi y'amagare (UCI) ku nshuro ya mbere izaba ikiniwe ku mugabane wa Afurika.

Jean-Guy Afrika, Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere, yashimiye abafatanyabikorwa ndetse n'abashyitsi bagenderera u Rwanda bakaba baratumye rukomeza kuba isangano mpuzamahanga ku bucuruzi, ubukerarugendo no guhanga udushya.

Yagize ati: "Ndashimira byimazeyo abafaterankunga bacu, abashoramari, abashyitsi, ndetse n'abafatanyabikorwa bacu. Icyizere n'ubwitange byanyu byagize uruhare runini mu gushyira u Rwanda nk'isangano mpuzamahanga ku bucuruzi, ubukerarugendo, no guhanga udushya.

Mu 2025, tuzubakira kuri uyu muvuduko no guteza imbere icyerekezo cyacu cy'u Rwanda rufite."





# Hasobanuwe icyatumye ubukene mu Rwanda bugabanyukaho 12,4%



**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard, yatangaje ko kuba ubukene bwaraganyutse ku gipimo cya 12,4% (2017-2024) byatewe n'ingamba zo kwihutisha iterembere Guverinoma yashyizemo imbaraga nyinshi bikazamura imibereho y'abaturage.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatatu tariki ya 16 Mata 2025, ubwo Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyashyiraga ahagaragara ibyavuye mu bushakashatsi bwa 7 ku mibereho y'ingo mu Rwanda.

NISR yagaragaje ko igipimo cy'ubukene cyagabanutse kivuye kuri 39.8% mu 2017 kigera kuri 27.4% mu 2024, bigaragaza igabanyuka rya 12,4%.

Ni mu gihe igipimo ku bukene bukabije, cyagabanutse kiva kuri 11.3% mu 2017 kigera kuri 5.4% mu 2024, aho muri rusange aho Abanyarwanda miliyoni 1.5 babashije kuva mu bukene mu myaka 7 ishize.




Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard yagaragaje impamvu ubukene bwagabanyutse mu Rwanda

Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente yagize ati: "Imibare iri muri ubu bushakashatsi ntigaragaza gusa ibipimo, igaragaza intambwe nyakuri mu mibereho y'Abanyarwanda. Ibi byagezweho mu myaka irindwi yo gushyira mu bikorwa Gahunda ya Mbere y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST1)."

Yongeyeho ati: "Ibyo byatewe ahanini n'ishoramari rya Leta y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo. Byanashobotse kubera gahunda ngari z'inkingi z'imibereho myiza, zagiye zifasha mu kuzamura ubuzima bw'abaturage."

Dr Ngirente yavuze ko izo gahunda zanagize uruhare mu itangizwa ry'imirimo ibyara inyungu, no guteza imbere amahirwe yo kubona akazi.

Ati: "Nk'uko raporo ibigaragaza, umuvuduko mwiza wo kuva mu ngaruka za COVID-19 wagize uruhare mu kongera amahirwe y'imirimo, cyane cyane ku rubyiruko."

Yungamo ati: "Ubukungu bw'u Rwanda bwazamutse ku kigero cya 9.1% mu myaka ine ishize nyuma ya COVID-19, byatewe n'imikorere myiza y'inzego z'ubukungu. Twashyizeho icyerekezo gitomoye kugira ngo buri Munyarwanda agire uruhare ku musaruro w'ubukungu."

Yakomeje avuga ati: "Muri iyi raporo, kimwe mu by'ingenzi bigaragara ni isano ikomeye hagati y'izamuka ry'ibikenerwa n'ingo (consumption) n'izamuka ry'ubukungu.

Ibi bigaragaza uko amafaranga yinjira mu miryango yagiye yiyongera, uko amahirwe y'akazi yiyongereye, n'uko gahunda z'imibereho myiza zatanze umusaruro. Ibi bivuze kandi ko imiryango ibasha kubona indyo yuzuye, ubuvuzi bufatika, uburezi bufite ireme, n'imibereho myiza muri rusange."

Ubushakashatsi bwa NISR ku miterere y'umurimo mu Rwanda bugaragaza ko abari ku isoko ry'umurimo mu Rwanda bafite kuva ku myaka 16, barenga miliyoni 5,3, abafite akazi muri bo bakaba ari miliyoni 4,5.

NISR igaragaza ko abantu bari mu gihugu badafite akazi, ariko bagashakisha kandi biteguye gukora basaga ibihumbi 749, bakaba bangana na 14,7%.

Ubushakashatsi bugaragaza ko abantu 3.018.614 batari ku isoko ry'umurimo kandi atari n'abashomeri, barimo 24,7% bakiri abanyeshuri na 27,7% bageze mu zabukuru, abafite ubumuga n'abatakaje icyizere bakareka gushaka akazi, na 47,6% bakora ubuhinzi buciriritse.

Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente yavuze ko hakenewe ingamba zifatika kugira ngo u Rwanda rurandure burundu ubukene.

Yagize ati: "Nubwo twishimira intambwe yatewe, turacyafite urugendo rurerure kugira ngo u Rwanda rubashe kuva burundu mu bukene. Tugomba gukomeza gushora imari mu burezi no kongerera abantu ubumenyi bujyanye n'isoko ry'umurimo. Dukeneye abaturage bafite ubumenyi buhagije kandi bafite ubuzima bwiza kugira ngo tuzashobore kugera ku ntego zacu zirambye."

Yagomeje avuga ko u Rwanda ruzakomeza no gushora imari mu nzego zitandukanye ziteza imbere ubukungu bw'Igihugu zirino, ingufu, amazi, isuku n'isukura, n'ubuvuzi.

Ati: "Ibi ni ukugira ngo twubake ibikorwaremezo bikenewe kandi byorohereze abaturage kugera ku serivisi zituma imibereho yabo irushaho kuba myiza. Leta y'u Rwanda igamije ko buri rugo rugira uruhare mu bukungu kandi rukagera ku iterambere."

Yunzemo ati: "Dufite intego ndende, ariko dufite n'umwete ukwiye. Tuzubaka u Rwanda rufite ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo. Nk'igihugu, intego yacu ni uko nta Munyarwanda n'umwe ugomba gusigara inyuma. Dushaka ko buri muryango, aho waba uri hose mu Rwanda, ugira inyungu mu iterambere ry'ubukungu bw'igihugu."

Minisiteri y'Ubutegtsi bw'Igihugu yashimiye abakoze ubwo bushakashatsi bugaragaza imibereho n'ubushobozi bw'ingo mu Turere dutandukanye, ihamya ko nuzafasha kurushaho kumenya ahashyirwa imbaraga mu kuzamura imibereho y'abaturage.



Mu cyumweru cy'icyunamo hahungabanye abantu 2 088

# Kwibuka 31: Abantu 2 088 bahuye n'ihungabana mu cyumweru cy'icyunamo

**ZIGAMA Theoneste**

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC), cyatangaje ko abantu 2 088 bahuye n'ibibazo by'ihungabana mu Cyumweru cy'Icyunamo cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Ni icyumweru cyatangiye tariki ya 7- 13 Mata 2025, hazirikanwa inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zisaga miliyoni.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ubuzima bwo mu Mutwe muri RBC, Dr. Gishoma Darius, kuri uyu wa Mbere tariki ya 14 Mata 2025, yabwiye itangazamakuru ko ihungubana ahanini rituruka ku bikomere, abarokotse basigiwe na Jenoside yakorewe Abatutsi kuko yakoranwe ubugome bwinshi.

Yagize ati: "Dufashe nk'urugero nk'umuntu wiciwe umuryango, agafatwa ku ngufu akanduzwa indwara birashoboka ko iyo iki gihe kigeze agira ihungabana."

Yunzemo ati: "Muri iki cyumweru cy'iminsi 7 yo kwibuka hakiriwe abantu bagera ku 2 088 bagize ihugangabana."

Dr Gishoma yatangaje ko uko imyaka ihita byerekana ko hari ibikomere bikomoka kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bikigaragara.

Mbere y'uko icyunamo cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, gitangira, RBC, yatangaje ko mu mwaka ushize wa 2024, mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abantu 2 016 bagize ibibazo by'ihungabana aho 1 786 bangana na 89% muri bo bari ab'igitsina gore naho 230 bangana na 11% bari ab'igitsina gabo.

Mu kiganiro n'itangazamakuru cy'itariki ya 4 Mata 2025, RBC yagaragaje ko mu cyumweru cy'icyunamo gitangira tariki ya 07 Mata buri mwaka, hari abagira ihungabana bagana serivisi z'ubuzima, ariko umubare ugenda ugabanyuka uko imyaka ishira.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Indwara zo mu Mutwe Dr. Darius Gishoma, agaragaza ko ihungabana ryiganje mu barokotse Jenoside n'ababakomokaho; by'umwihariko igitsina gore kikaba kibasiwe ku kigero cya 89% aho abagabo ari 11%.

Agaragaza ko ihungabana rigihari ariko abantu bakwiye gufasha abo ryagaragayeho bakabafasha gukira ibikomere no kubaka ubudaheranwa.

# Nyarugenge: Bashengurwa n'abakoze Jenoside bacyidegembya mu mahanga

**KAYITARE Jean Paul**

***Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Nyarugenge, bavuga ko bagikomeretswa n'abantu bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bacyihishahisha hirya no hino ku Isi.***



Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bababazwa no kuba hari abacyidegembya bagize uruhare muri Jenoside badashyikirizwa ubutabera

Bavuga ko kuba batarakurikiranwa mu butabera ari agahinda kuri bo kuko bakeneye ubutabera abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi yahitanye abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa bakaryozwa ibyo bakoze.

Babigarutseho mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu yahoze ari Segiteri Cyahafi, ubu ni mu Murenge wa Gitega mu Karere ka Nyarugenge.

Uwimana Marie Aimé, Visi Perezida w'Umuryango Uharanira inyungu z'Abarokotse Jenoside (IBUKA), mu Murenge wa Gitega, yavuze ko icyo yifuza ari uko abakoze Jenoside bari hanze y'u Rwanda, amahanga bacumbitsemo yabatanga.

Agira ati: "[…] kubera ko abantu bakorewe Jenoside, kubona hari abantu bari hanze bacyidembya ni agahinda gakomeye, buriya umuntu wakubabaje n'iyo atagusaba imbabazi ariko umubona hafi yawe ariko aryozwa ibyo yakoze, twebwe twaruhuka."

Akomeza agira ati: "Dufite icyizere kirenze uko imitima yacu yabyakira kuko byanze bikunze abakoze Jenoside bose bagomba koherezwa mu Rwanda."

Yongeyeho ati: "Dufite Igihugu kiturengera, dufite Perezida wa Repubulika watubwiye ati nimuhumure, tuzi ko adukunda kandi koko yatugejeje kuri byinshi. Byonyine ntitugifite isoni cyangwa ipfunwe ryo kwitwa ko twarokotse Jenoside."

Ahamya ko abakoze Jenoside bihishe mu mahanga na bo ubwabo batorohewe kuko guhimba amazina, bakihisha imyaka 31bitoroshye.

Mukamana Verdiane utuye mu Murenge wa Kinyinya mu Karere ka Gasabo ariko warokokeye mu Murenge wa Gitega, yabwiye Imvaho Nshya ko yizeye ubuyobozi bw'Igihugu ku gushaka abagize uruhare muri Jenoside.

Ati: "N'ubundi ubuyobozi bwacu buradufasha, buhora butureberera n'ubundi bashyiramo agatege mu kudushakira abo bantu."

Gashayija Justin na we warokokeye mu Gitega, avuga ko nta mugome ugira ubwenge bityo ngo ni yo mpamvu abahunze ubutabera bakomeje guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi.

Agira ati: "Abagome bose barangiza ubuzima nabi."

Safari Hamudu, Perezida wa Ibuka mu Karere ka Nyarugenge, na we yizera ko igihe icyo ari cyo cyose uwakoze Jenoside azagaragara agakurikiranwa n'amategeko.

Agira ati: "Mu by'ukuri twebwe nk'abarokotse Jenoside kumva ko uwakwiciye, uwagusenyeye akiri hanze ni ibikomere. Ni ibikomere tubana na byo ariko si uko Leta yabyirengagije ahubwo ni kwa kundi bacyihishahisha ariko amaherezo bazafatwa kuko icyaha cya Jenoside kidasaza."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyarugenge bushimangira ko buzafatanya n'Urwego rw'Ubugenzacyaha n'izindi nzego zose ngo uwakoze Jenoside wese akaba acyidembya, afatwe ahanwe.

Mu 2024 inzego z'umutekano zataye muri yombi umusaza w'imyaka 62 wafatiwe mu mu Murenge wa Musebeya mu Karere ka Nyamagabe nyuma y'imyaka 30 yari amaze yihisha kubera Jenoside yakorewe Abatutsi yagizemo uruhare mu yahoze ari Komini Karambo, ubu ni muri Nyamagabe.

Ni mu gihe kandi uwitwa Fulgence Kayishema uregwa uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, na we mu 2023 yafatiwe muri Afurika y'Epfo.

Leta y'u Rwanda yashyiriyeho impapuro zo guta muri yombi abasaga 1 000 bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 nubwo hari ibihugu bigenda biguru ntege mu gufata abo bantu.





Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# *U Rwanda rubana n'abemera*

*Biragoye kubona u Rwanda nk'Igihugu cyanyuze mu mateka yijimye yaturutse ku macakubiri, rufata byoroshye umubano rugirana n'ibihugu ndetse n'indi miryango mpuzamahanga, cyane ko uwo mubano utanga inyungu nyinshi ziganisha ku Cyerekezo 2050, aho u Rwanda rwibona mu bihugu byateye imbere ku Isi.*

*Ariko na none mu rwego rwo kwirinda ko amateka mabi rwanyuzemo yakomeza kwisubira kubera kwirengagiza umuzi wayo, ni yo mpamvu u Rwanda rubana n'amahanga yemera umubano ushingiye ku bwubahane no guharanira inyungu z'iterambere ry'abaturage.*

*Ku wa 17 Werurwe 2025, u Rwanda rwamenyesheje Guverinoma y'u Bubiligi ko rucanye umubano na bwo mu bya Dipolomasi, nyuma y'ubushishozi bwakozwe ku buryo icyo gihugu gikomeza kwimakaza imyitwarire ya gikoloni yatandukanyije Abanyarwanda ikanageza igihugu kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.*

*Nyamara nubwo umubano n'u Bubiligi wahagaritswe, Guverinoma y'u Rwanda yashimangiye ko ushobora kongera kuburwa mu gihe bwaba bwemera gusubiza agatima impembero bukareka iyo myitwarire ya gikoloni ikomeje kugira ingaruka ziremereye mu Karere k'Ibiyaga Bigari.*

*Icy'ingenzi gishimangira agaciro u Rwanda ruha ubutwererane n'amahanga mu bya dipolomasi ni uburyo abayobozi bakuru b'Igihugu bakomeje kwagura ubutwererane n'ibihugu bitandukanye ku Isi.*

*Urugero rwa hafi, ku wa Kane tariki ya 17 Mata 2025 Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yagiranye ikiganiro na Perezida wa Misiri Abdel Fattah El-Sisi ku murongo wa telefoni, cyibanze ku kurushaho kwimakaza ubutwererane hagati y'u Rwanda na Misiri.*

*Nanone kandi guhera ku Cyumweru tariki ya 20 kugeza ku ya 22 Mata, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, ari mu ruzinduko rw'akazi rw'iminsi itatu muri Pakistan rugamije kurushaho kwagura imikoranire y'ibihugu byombi mu nzego zitandukanye.*

*Uko u Rwanda ruharanira kurushaho kwagura umubano n'amahanga, ni na ko rugenda rutegwa n'imitego itandukanye haba ku rwego rw'Akarere ndetse no hanze y'Afurika.*

*Mu 2014, Perezida Kagame yigeze kugira ati: "Nta nubwo birarangira, utegura umutego umwe ugasanga undi imbere. Iyo uri umuyobozi usanzwe utareba kure, ureba inyungu zawe gusa, ugwa mu mutego ukanawugushamo Igihugu."*

*Bivuze ko ukwigengesera kw'abayobozi n'Abanyarwanda muri rusange gukwiye kuba ku rwego ruhanitse kuko inyungu z'amahanga hari ubwo zishobora gushyira mu kaga ibyo u Rwanda rwagezeho mu kanya nk'ako guhumbya.*

*Mu gihe Abanyarwanda biyemeje kuba umwe, kureba kure no kuzuza neza inshingano buri wese mu rwego rwe, bikwiye kujyana no guharanira kubaka umubano n'ibihugu byemera kubaha ayo mahitamo no gushyigikira intambwe y'iterambere Igihugu kimaze gutera nyuma y'imyaka 31 kimaze cyiyubaka.*

# Rusizi: Nkanka bishwe babanje gucuzwa imyambaro

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abafite ababo bashyinguye mu rwibutso rwa Jenoside rwa Nkanka mu Murenge wa Nkanka, Akarere ka Rusizi bakomeje gushengurwa bikomeye n'intimba yo kutazigera babona bimwe mu bimenyetso by'amateka ya Jenoside y'abahiciwe, cyane cyane imyenda, ikweto, ingofero n'ibindi bari bambaye, kuko babishe babanje kubacuza.***

Uko kwicwa urw'agashinyaguro babacuje byabaye ku Batutsi biciwe ku Biro by'iyari Komini Kamembe, ku kigo nderabuzima cya Nkanka, mu bikari byo kwa Padiri mukuru wa Paruwasi ya Nkanka no mu nzu z'ababikira baho,nk'uko byagarutsweho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nkanka, Ntivuguruzwa Gervais, ku wa 18 Mata bibuka, itariki mbi cyane ku bari bahahungiye.

Ati: "Bose mbere yo kubica babanzaga kubambika ubusa buriburi, bakabacunaguza, bakanabashungera, n'ubundi bugome ndengakamere babakoreraga, ari yo mpamvu muri ruriya rwibutso ruruhukiyemo imibiri S, nta mwenda n'umwe warubonamo, cyangwa ikindi cyose, cyambarwa uretse amashapule gusa na bwo make."

Ntivuguruzwa avuga ko uretse uwo mwihariko, hanabereye ibindi usanga byihariye, nko kuba barishwe n'abo baturanye gusa, nta gitero cyaturutse kure ngo kibice, ari abari babazi, basangiraga, biriranwaga, bagombaga kuba aba mbere babarengera, ntibyaba.

Ati: "Ikindi gikomeye cyabereye hano, ni uko n'ikiyaga cya Kivu cyari kurengera abambuka, abo abicanyi bajugunyemo cyangwa biciyemo abashakaga kwambuka, nk'abazi koga, babahambiragaho amabuye ngo n'imibiri yabo ntizigere iboneka."

Ruterana Thadée w'imyaka 74 watangiye gukorerwa ubugome kuva mu 1959, ahunga agaruka, kugeza kuri rurangiza, Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, wanabaye Perezida wa Ibuka muri uyu Murenge kuva ibaho kugeza muri 2023, n'ubu akiri mu nzego zayo, binavugwa ko ari we wenyine warokotse uko kwicwa bambitswe ubusa, avuga uko byabagendekeye.

Ati: "Ku wa 18 Mata 1994, Interahamwe zaratuzindutse, zinjira mu nzu yose yari yahungiyemo Umututsi hano ku kiliziya no mu kigo nderabuzima, zitwaje intwaro gakondo, zirabinjirana buri wese zikamwambura byose, agasigara uko yakavutse, umwana ari kumwe n'umubyeyi we, umukazana na sebukwe, cyangwa umukwe na nyirabukwe, mu buryo burenze ukwemera, barabatsemba, ibyo babambuye barabitwara."

Avuga ko imwe mu mpamvu yo kubica rubi gutyo kwari ukugira ngo ibyo babamburaga bitajyaho amaraso, bikandura, kuko bahitaga babitwara.

Ubwo byababaga hari abari bahungiye ku kibuga kiri munsi ya kiliziya, cyarimo amashuri na we yari amaze kuhagera avuye gufasha mu guteka igikoma abana banywa, ntiyasubiyeyo ahubwo icyo gikoma abicanyi, nyuma yo kubacuza gutyo no kubica, bakibamennyeho gishyushye,byerekana ubundi bushinyaguzi.

Ati: "Ikibabaje cyane ni uko abo bishwe bose rubi gutyo,interahamwe zashenye ubwiherero bwose bwo kuri paruwasi zibajugunyamo.

Iyo tugiye mu zindi nzibutso, tubona ibimenyetso tutazigera tubona mu rwibutso rwacu bikarushaho kudushengura."

Mu buhamya bwe, Iyamumpaye Marcellin wari ufite imyaka 22 gusa icyo gihe, na nyina akahicirwa rubi gutyo yambitswe ubusa, we akarokokera kuri icyo kibuga bahanganiyeho n'abicanyi, avuga ko iyo yibutse ibyahabereye icyo gihe atongera gusinzira.

Ati: "Nyuma yo kubambura imyambaro yose gutyo, bongeragaho kubatema, bakabacoca, ntibagirire impuhwe impinja na ba nyina, bakica abagore impinja zigasigara zonka ba nyina bishwe,byose aha byarahabereye."

Yashimiye ingabo zari iza FPR Inkotanyi n'uwari uzirangaje imbere, Perezida Kagame wahagaritse Jenoside, agahumuriza abayirokotse babonye ubugome nk'ubwo ababo bicanywe, hagashyirwaho Leta nziza y'ihumure, abantu bakaba bashobora kwibuka ayo mateka yose, bafite icyizere ko atazasubira ukundi muri iki gihugu.

Mu izina ry'Umuryango Ibuka, Niyonsaba Félix, Komiseri ushinzwe ubukungu muri uwo muryango mu Karere ka Rusizi, yashimye ko urwibutso rwa Nkanka ruri muri 5 zizasigara muri ako Karere kubera aya mateka yose y'ibyahabereye agarukwaho uko bibutse, asaba ko rwazubakwa bigezweho, rugashyirwamo ibyangombwa byose biranga ayo mateka n'igikorwa cyo kuhashyira amazina y'abishwe kikihutishwa.

Ati: "Turifuza ko uru rwibutso rwazubakwa neza, rukagurwa, rugashyirwamo ibiranga amateka y'ibyahabereye byose, kuko hari abayandika hakanaba abayabayemo, abo bose bafasha n'uzavuka akazayasobanukirwa."

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, Sindayiheba Phanuel, yagarutse ku kamaro ko kwibuka aya mateka yose.

Ati: "Ni inshingano yacu guhora twibuka aya mateka no kongera kubwira amahanga n'abandi bose bashakaga kuzimya u Rwanda ko ruriho, rutazazima nk'uko babyifuzaga."

Yibukije abagifite ingengabitekerezo y'amacakubiri, haba mu gihugu no hanze yacyo ko u Rwanda rutazayihanganira, anibutsa ko imbaraga zahagaritse Jenoside yakorerwaga Abatutsi zigihari, zanikubye kenshi, kuko ntawushobora gushaka kunyeganyeza ubutwari n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda ngo bimukundire.

Ku byifuzo yagaragarijwe n'abarokokeye ku Nkanka n'inkengero zaho, yavuze ko bagiye kwicarana nabo bireba bose bakabishakira ibisubizo, bizaza bishimishije, binarambye.




Urwibutso rwa Jenoside rwa Nkanka ruruhukiyemo imibiri 537 y'inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

# Kwibuka 31: Jenoside yabaye amaze icyumweru abyaye, bamwicira umugabo areba

**KAMALIZA Agnes**

***Mukakarangwa Martha yasigaye ari nyakamwe mu muryango w'abana barindwi ubwo abo bavukana bose bicwaga muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ariko icyamushenguye kuryshaho ni uburyo yiciwe umugabo bari babyaranye abana batatu abireba.***

Ubuhamya bwa Mukakarangwa buteye agahinda kuko yahuye n'ibyago bikomeye kuko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye amaze icyumweru kimwe gusa abyaye, Interahamwe zikaba zaramushoreranye n'uruhinja n'abandi bana bagiye kwicwa.

Muri icyo gihe yari atuye muri Kimihurura mu Mujyi wa Kigali ari na ho haje kwicirwa umugabo we ajugunywe mu mwobo bakamutaba agitera akuka.

Icyo gihe kandi umwana w'umuhungu bari kumwe bamukubise umutwe muri borodire ndetse n'umukobwa bari kumwe afatwa ku ngufu kugeza ashizemo umwuka.

### Amateka ya Mukakarangwa mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Mukakarangwa yafashwe n'inda mu matariki ya nyuma ya Werurwe 1994, ariko icyo gihe hakaba hari ibitero na za bariyeri, abura aho aca ngo ajye kwa muganga bimuviramo kubyarira mu rugo.

Ubwo inda yamufataga, umugabo we yahise ajya kumushakira inzira ngo arebe uko bagera kwa muganga ariko umugore abyara umwana w'umuhungu umugabo atarayibona.

Kuri uwo munsi akibyara saa yine za mu gitondo, umuturanyi wabo witwaga Cyamahundo yaje kubabwira ko bagabweho ibitero n'Abajepe n'Interahamwe za Kimihurura.

Icyo gihe umugabo we yahise asohoka arazisuhuza azibwira ko bamaze kubyara umuhungu na zo zimubwira ko ari ibibazo kuko uwo mwana azabakoraho.

Interahamwe zaje zivuga ziti: "Nimugire ibyo muduha rero kubera ko mubyaye…"

Umugabo we ngo yabaguriye inzoga baranywa bigeze nka saa



**Mukakarangwa Martha ashimira Inkotanyi zamurokoye**

munani barataha.

Bigeze ku wa 06 Mata 1994 ni bwo hamenyekanye inkuru y'urupfu rwa Perezida Habyarimana Juvénal, bahita bashya ubwoba batangira kwibaza aho guhungira ariko kuko ahantu henshi hari huzuye bariyeri bahitamo kuguma mu ngo.

Mukakarangwa yabajije umugabo we ati: "Ubu turahungira he?"

Nawe aramusubiza ati: "Ubu se twaca he ko abantu buzuye kuri za bariyeri? Nidukira tuzakira kandi nidupfa tuzapfa."

Ku wa 17 Mata, bagabweho ibitero na za Nterahamwe n'Abajepe bageze iwe uwo munsi yabyaye ariko icyo gihe ngo bari bagiye kwihisha ku muturanyi witwaga Cyamahundo utarahigwaga.

Interahamwe zibabuze zahise ziza aho bari bihishe basohora abantu bose bari muri iyo nzu, ni ko guhitana asohokana na rwa ruhinja n'abandi bana bari bihishanye ariko umugabo we acyumva ko baje aho yahise atorokana n'umwana we w'imfura bihisha ku yindi nzu yari hafi aho.

Interahamwe zahise zimushorerana n'abo bari kumwe barimo umukobwa witwa Josee, umuhungu witwaga Ngaruyinka, n'umugore n'umugano n'abana b'aho yari yihishe.

Ati: "Baratujyanye tugeze mu ihuriro ry'imihanda ubu ni hafi na KCC hari hubatse ruhurura ndende cyane tuhageze baratwicaza baradukubita."

Avuga ko babakubise amahiri ariko Umujepe yumvaga bita 'Gisiga' yamukubise ubwo buhiri mu mugongo akumva uhise uguduka. Ati: "Yamponze ya mahiri mu mugongo numva uratandanye."

Mukakarangwa yaramubajije ati: "Urampora iki ko ibintu bya politiki ntabizi koko?"

Umujepe yaramusubije ati: "Ntabwo uri Umututsi?" Na we ati: "Ndi we".

Umujepe ati: "Uri inzoka?" Na we ati: "Ndi yo."

Umujepe yahise amukubita ubwo buhiri mu bworo bw'ikirenge hahita haza undi musirikare ufite imbunda amubwira ko agiye kumurasa amaguru ariko amugerekaho imbunda ntiyamurasa.

Bakomeje kubakubita ariko bibanda cyane kuri wa mukobwa witwaga Josee kuko yari ateye neza, bamushinja ko afite imbunda bamwambura ubusa bazimusaka ariko barazibura.

Abo bajepe bamanuye inkoni bagiye gukubita mu mutwe wa rwa ruhinja rwe, akinga akaboko ke aba ari ko bakubita karavunika.

Barakomeje barakubitwa ariko baza kurekura ba bandi batahigwaga bari babahishe hasigara abahigwaga gusa, bahita bafata umwana umwe mu basigaye bamuhonda kuri borodire.

Yagize ati: "Bafashe ako kana k'agahungu baragahurutura bagakubita muri borodire ngira ngo kapfuye, ubwo bagakuramo bakandambika iruhande ariko nkabona agatima karacyatera."

Akomeza avuga ko bahise bamushorera n'abana bamujyana mu rugo iwe bamusaba amafaranga arayabaha baramureka.

### Bashyinguye umugabo we ari muzima n'umukobwa bari kumwe apfa afatwa ku ngufu

Nyuma y'aho abo bicanyi bagiye ngo yahise ajya ha handi kwa Cyamahundo, hashize umwanya haza imodoka y'Abajepe bagarutse kongera kubatwara ariko icyo gihe yari yabwiwe amakuru ko umugabo we bari bamuvumbuye aho yihishe baramukubita aba intere bamusiga arambaraye mu muhanda.

Bose n'umugabo we babapakiye muri ya modoka n'umujinya babasunikamo bagwirirana, babasubiza hafi ya ha handi bahoze ari na ho yasanze wa mukobwa Josee yapfuye.

Ati: "Twasanze Jose yapfuye ari ukumfata ku ngufu gusa."

Imodoka yarabakomezanyije ibigiza hirya gato, ahari hari imyobo bacukuragamo imicanga aba ari ho iparika, umugabo we bamwica areba.

Yagize ati: "Bakuruye umugabo wanjye bamusunikira muri wa mwobo agihumeka, ubwo natwe badusiga aho n'abana bajya kuzana ba bandi twari kumwe barimo Josee na ba bahungu babiri babajugunya muri wa mwobo hejeru y'umugabo wanjye babarenzaho itaka."

Avuga ko Interahamwe zahise zigaruka zimubwira ko we n'abana be bajya kubicira mu ishyamba na bo bicara bategereje gupfa.

### Uko yarokotse

Mukakanrangwa yibuka ko ubwo yari yicaye ategereje gupfa hashize umwanya haza Umujepe wari umusaza abaza bagenzi be impamvu bashaka kumwica kandi ntaho ahuriye n'ibya politiki.

Ariko umwe mu basirikare yahise abaza impamvu 'iyo nzoka batari kuyicana n'utwana twayo' ariko haboneka izindi Nterahamwe zivuga ko bazabica babasanze aho batuye cyane ko bahazi.

Umwe muri bo yagize ati: "Mwamuretse uyu nguyu ko aho atuye tuhazi ejo n'ejobundi tuzajyayo tukamwiyicira?"

Babapakiye mu modoka babasubiza iwabo ariko ngo bamaze kugenda bigeze mu masaha y'umugoroba afata abana bajya kwihisha ahitwa kwa Richard abasaba ko bamuhekesha umwana bagakomeza ubundi agakomeza inzira y'ubuhunzi.

Yaje kujya kwa muramukazi we wari warashatse umugabo utarahigwaga amubwira ko musaza wabo bamwishe kandi na we atorohewe kuko Interahamwe ziri kumushakisha.

Yahasize abana ahungira ku Kicukiro ku mugabo w'Umurundi witwaga 'Alexandre'. Uwo mugabo yaramwakiriye aramuhumuriza amushyira hamwe n'abandi barenga 30 yari acumbikiye.

Alexandre yagiye agabwaho ibitero n'Interahamwe zimusaba gusohora abantu afite bakicwa ariko akanga akitambika akavuga ko bazabica ari uko na we abanje gupfa.

Uwo mugabo ngo yakomeje kubarwanaho akabatekera kugeza igihe Inkotanyi zaziye kubatabara.

Yagize ati: "Uwo mugabo yaraduhahiraga akatugaburira tuba aho kugeza haje Inkotanyi."

Nyuma y'uko Inkotanyi zifashe uduce dutandukanye harimo n'aho bari barahungiye, Interahamwe zahise ziruka zita abo bari bagiye kwica bo muri ako gace barimo umukobwa witwa Murekatete na murumuna we.

Abo bakobwa barokotse batyo ariko babwira ababatabaye ko aho hepfo hari ahandi hantu hahungiye abantu benshi barimo n'umubyeyi ubyaye vuba.

Zahise zihamanukira ariko na wa mugabo wari warabahishe yari yamenye ko ako gace kafashwe ni ko kubabwira ko bagiye kujya mu maboko ya bene wabo batagipfuye.

Yagize ati: "Njyewe ndagiye mbasize mu maboko y'abavandimwe banyu babonetse baje."

Alexandre ngo yahise yigendera hashize umwanya muto haza abantu batatu biteye udutenge babasaba ko bakingura kuko ari bo Nkotanyi.

Babanje kugira ubwoba ariko zikomeza kubasaba gusohoka kuko baje kubarokora.

Inkotanyi zagize ziti: "Nimusohoke muri iyi nzu ni twebwe Nkotanyi tuje kubakiza."

Basohotse aho bose babajyana aho abandi barokowe bari bakomeza kugenda babimurira ahari umutekano ari na ko bakomeza kwitabwaho.

Mukakarangwa ashimira ubutwari bw'Inkotanyi zabasubije ubuzima, zikabahumuriza muri ubwo buzima bwose kugeza ho zigaruye umutekano usesuye bagasubizwa mu buzima busanzwe.

Agaragaza ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yari afite agahinda ko kubura abavandimwe ariko katamuheranye kuko yarwanye inkundura yo kwiyubaka no kongera kubaho ubu akaba atekanye n'abo bana be bose n'uwari uruhinja akaba ari umugabo.





# 2017-2024: Abanyarwanda miliyoni 1.5 bavuye mu bukene

**ZIGAMA Theoneste**

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyatangaje ko hagati y'umwaka wa 2017 na 2024, Abanyarwanda miliyoni 1.5 bavuye mu bukene, aho ubukene bwagabanyutseho 12,4%, ubu bukaba buri 27,4% buvuye kuri 39,7%.***

Ni bimwe mu byavuye mu bushakashatsi bwa 7 ku mibereho rusange y'ingo mu Rwanda (EICV7), NISR yashyize ahagaragara kuri uyu wa Gatatu tariki ya 16 Mata 2025.

Ni ubushakatsi bukorwa buri myaka itatu, Umuyobozi Mukuru wa NISR Murenzi Ivan, yavuze ko ubwo bushakatsi bwibanda ku kureba uko ubukene buhagaze mu Rwanda ariko harebwa n'ibindi bijyanye n'imibereho y'abaturarwanda.

Yagize ati: "Amakuru ajyanye n'ubukene, imibare ya 2017, twari turi 39,8%, ubu ngubu bwaragabanyutse bugera kuri 27,4%. Ni ukuvuga ko hagabanyutseho 12,4%."

Yakomeje agira ati: "Iyo tugereranyije miliyoni 1.5 bavuye mu bukene, ni intambwe ifatika."

NISR yatangaje ko abaturage bavuye mu bukeneye mu Mujyi ubu bari kuri 16,7%, bakaba bari kuri 18,9% mu 2017, mu gihe abatuye mu cyaro bo bavuye mu bukene bangana 31,6%% bavuye kuri 44% mu 2017.

### Ni iki cyatumye ubukene bugabanyuka?

Murenzi ati: "Tubirebeye mu bukungu n'akazi kaboneka, ibyo ni ingaruka ku mibereho myiza y'abantu. Hari gahunda za Leta zigera ku bakene, nk'ibyo kurya ku mashuri, n'abana babona ibyo kurya, na byo bifasha urugo, iyo bariye baba bategereje ibya nijoro gusa."

Mu bukene bukabije, Murenzi yavuze ko harebwe uko Abanyarwanda babayeho kuko hari n'abatabona ifunguro.

Ati: "Ubukene bukabije hagati ya 2017 na 2024, twavuye kuri 11% tugera kuri 5,4%".

Imibare yagaragajwe yerakana ko ubukene bukabije bwaganyutse 5,9%, aho buri kuri 5,4%, mu Mujyi buri kuri 3,1% mu cyaro bukaba kuri 6,4%.

### Ingamba zihari zo guhangana n'ubukene

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi (MINICOFIN) Yusufu Murangwa, yavuze ko hari ingamba zihari zo guhangana n'ubukene nkuko bikubiye mu ngamba za Guverinoma z'iterambere z'imyaka itanu (NST2).

Yagize ati: "Turabizi ni ibintu bine, icyambere kigabanya ubukene ni umurimo ni ugashaka uburyo Abanyarwanda benshi babona imirimo bakayikora neza na yo ibahembe neza. Turizera ko n'ubukene buzagabanuka. Ubukene bufite isano n'ubuhinzi ari na ho tuzakomeza gushyira imbaraga muri urwego."

Yakomeje avuga ko kandi hazashyirwa imbaraga nyinshi mu gutanga serivisi z'ubuvuzi zinoze kugira ngo abaturage bagire ubuzima bwiza kandi bikure mu bukene.

Murangwa yavuze ko hakomeje gushyira imbaraga mu gutegura abakozi beza haba ku mashuri abanyeshuri bakigishwa ibijyanye n'isoko ry'umurimo ndetse no guteza imbere ubuhinzi bufite isoko.

Yagize ati: "Hari politiki yo guteza imbere inganda, harimo ibishya birimo harimo gufasha inganda zitunganya impu, harimo imirimo myinshi harimo gukora inkweto, amashakoshi, amakoti n'ibindi."

Yahamije kandi ko hakomeje gushyigikirwa ibyo gukora imyenda yoroheje bikaba byaremejwe n'Inama y'Abaminisitiri y'ubushize.



**Hasobanuwe icyatumye ubukene bugabanyuka**



**Ku bitaro bya Kibogora mu Karere ka Nyamasheke hatangiye serivisi yo kubaga hifashishijwe ikoranabuhanga**

# Nyamasheke: Kibogora hatangiye kubaga hadasatuwe umubiri bakoresha ikoranabuhanga

**NYIRANEZA Judith**

***Ku Bitaro bya Kibogora mu Karere ka Nyamasheke hatangijwe uburyo bwo kubaga agasabo kabika imyanda hadasatuwe umubiri w'umurwayi, ahubwo hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga.***

Itsinda ry'abaganga bakoze icyo gikorwa bwa mbere kuri ibyo bitaro ku ya 16 Mata 2025.

Ibyo Bitaro biri ku rwego rwa kabiri byigisha bya Kibogora (Kibogora Level Two Teaching Hospital).

Kuba begerejwe serivisi yo kubaga abarwayi hifashishijwe ikoranabuhanga hadasatuwe umubiri rizwi nka Laparoscopic surgery ni igisubizo kuri bo, kuko bagiye kujya bafasha ababagana kandi bigafata igihe gito.

Ukuriye itsinda ry'abaganga babaze agasabo kabika imyanda, Dr Ronald Tubasïime yasobanuye ko ubwo buryo bw'ikoranabuhanga bufata igihe gito kandi n'umurwayi agakira vuba.

Yagize ati: "Ni uburyo bwiza, aho ukata akenge gato ku mubiri w'umuntu ukinjizamo kamera n'utwuma tugufasha kureba igice ushaka kubaga noneho ukabirebera kuri televiziyo.

Iyo ubirebeye kuri televiziyo ubasha kureba neza aho ugomba kubaga n'igice kigomba gukurwamo, utwuma wifashishije twa twenge wagiye ushyira mu mubiri w'umuntu ngo ukuremo igice ushaka gukuramo cyangwa ubashe gusana ahangiritse mu nda y'umuntu."

Igikorwa kimara iminota 30 mu gihe ubusanzwe byafataga hafi amasaha 2 kuko byasabaga gusatura umubriri w'umurwayi ahantu hanini.

Bamwe mu baturage bivuriza ku Bitaro bya Kibogora bavuze ko bishimiye kuba iyo serivisi itangiwe hafi yabo bibaruhuye kujya kwivuriza kure.

KOMEZA KU RUP.10

# Nyamasheke: Kibogora hatangiye kubaga hadasatuwe umubiri bakoresha ikoranabuhanga

IBIKURIKIRA URUP.9



Ku bitaro bya Kibogora abahivuriza bakeneye kubagwa bashima ko begerejwe iyo serivisi

Umwe muri bo yagize ati: "Twakiranye na yombi iyi serivisi yo kubaga hifashishijwe ikoranabuhanga, kuko ubundi twajyaga twumva ari uburyo bukoreshwa ku bantu bo muri Kigali."

Yagarutse ku byiza bakesha iyo serivisi yo kubaga hisunzwe ikoranabuhanga.

Ati: "Ibyiza by'iyo serivisi ni uko hatagaragara inkovu ndetse umuntu adatinda mu bitaro, ntibigore umuryango mu buryo bwo kutugemurira."

Umuyobozi w'Ibitaro bya Kibogora, Dr Umutoniwase Bernard, yasobanuye ko iyo serivisi izabafasha kurushaho kunoza no kwakira abarwayi babagana.

Ati: "Abo twakiraga umubare uraza kwiyongera, kuko abongabo turimo kubaga ubu ntibazaga ahangaha, abashaka kubagwa binyuze muri ubwo buryo bw'ikoranabuhanga bajyaga i Kigali, bagiye kwiyongera ku bo twabagaga."

Yasabye abaturage kudakomeza kujya kure, bakivuriza ku bitaro bya Kibogora bagahabwa serivisi zo kubagwa batabateye ibisebe binini.

Abakora mu rwego rw'ubuzima bavuga ko gahunda yo kubaga umurwayi hatabayeho gusatura ari kimwe mu bifasha umurwayi guhabwa serivisi nziza mu gihe cyo kubagwa kandi agakira vuba.

Si ubwa mbere uburyo bwo kubaga hifashishijwe ikoranabuhanga bikozwe kuko mu 2019, hifashishijwe ikoranabuhanga, herekanywe igikorwa cyo kubaga hatabayeho gusatura umurwayi wari ufite utubuye mu gasabo k'indurwe twamuteye 'infections'. Abamubagaga bavuga ko iyo atabagwa uburwayi yari afite bwari kuzamutera kanseri.

Iki gikorwa cyabaye mu gihe cy'isaha imwe gusa, cyakurikiwe n''Inama y'intumwa zo mu bihugu 15 byo hirya no hino ku Isi zari zitabiriye inama yigaga ku ikoranabuhanga mu binyabuzima.

Ubusanzwe Ibitaro bya Kibogora byakira abarwayi barenga 5 000 mu kwezi muri bo abari hagati ya 300 na 400 bahabwa serivisi zo kubagwa.

Mu Ntara y'Iburengerazuba, ibitaro 7 bihabarizwa byose byohereza ku bya Kibogora abarwayi bakeneye kubagwa.

# RRA yasobanuye uburyo abategura ibirori basora mu buryo bunoze

KAMALIZA Agnes

***Uburyo tugomba kureba ni uburyo basoramo niba basora neza hakaba harimo nk'icyiciro cy'abandi wenda batanditse ku musoro; urugero harimo nk'abayobora ibirori, (MC) benshi batanditse ku musoro, nk'abakora dekorasiyo batanditse ku musoro, wajya kureba nk'umubare w'ibirori bibaho ku mwaka amafaranga yishyurwa kuri buri birori ukabona ni amafaranga menshi yakabaye asoreshwa."***



Komiseri wungirije ushinzwe abasora n'itumanaho mu Kigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) Uwitonze Jean Paulin, asobanura imisoro mu bijyanye n'ubukwe

Byatangajwe na Komiseri wungirije ushinzwe abasora n'itumanaho mu Kigo cy'Imisoro n'Amahoro, RRA/ Rwanda Revenue Authority Uwitonze Jean Paulin, asobanura uko ibyiciro bimwe na bimwe mu bitegura ibirori bisora ibindi ntibisore kandi byakabaye bisora.

Atangaje ibyo nyuma y'ifishi ya RRA yacaracaye ku mbuga nkoranyambaga igaragaza amakuru agenga ahabera ubukwe.

Uwitonze yagaragaje ko iyo fishi atari nshya kuko abategura ibirori basanzwe basora ariko bikwiye gukorwa mu buryo bunoze.

Yagize ati: "Dukure urujijo ku ifishi yagiye hanze kuko abantu bari gutekereza ko ari ibintu bije uyu munsi ntabwo ari bishyashya. Hari abari gutekereza ko ari umusoro mushya tugiye guca ubukwe ntabwo ari byo. Nta musoro ugiye gucibwa ubukwe, nta musoro ugiye gucibwa umugeni, ikiriho ni amakuru turi gusangira kandi abenshi muri aba (bategura ibirori) basanzwe basora."

Uwitonze agaragaza ko hari bamwe mu bategura ibirori basanzwe basora ariko hari abandi batarabyumva ari nayo mpamvu hari amakuru bahanahana agamije kurushaho guhwitura abatubahiriza amategeko agenga umusoro.

Yagize ati: "Ayo makuru aba agamije kugira ngo turusheho kunoza imirimo yacu abatubahiriza amategeko y'imisoro babashe kuyibahiriza."

Yagaragaje ko ikigamijwe ari uguhuza amakuru kugira ngo abatanditse bandikwe, abatabikora neza bakosore, ndetse ababyica nkana bahanwe nk'uko amategeko abiteganya.

Ubwo yari imbere y'Inteko Ishinga Amategeko mu minsi ishize, Komiseri Mukuru wa RRA Niwenshuti Ronald yatangaje ko bagorwa no gukurikirana no gusoresha abategura ibirori kuko akenshi imirimo yabo iba itanditse.

Yatangaje ibyo nyuma y'uko Depite Kayitesi Sarah yari asabye ko abayobora ibirori, (MC) n'abandi batanga serivise zinjiza amafaranga menshi basoreshwa.





# Nyagatare: Hibutswe abishwe bakajunywa mu mugezi w'Umuvumba



Hibutswe Abatutsi batawe mu mugezi w'Umuvumba

HITIMANA Servand

***Bamwe mu bafite abavandimwe babo bishwe bajugunwe mu mugezi w'Umuvumba, bavuze ubugome Interahamwe zabakoreraga mbere yo kubajugunyamo harimo no kubazirika amaguru n'amaboko bizirikiye inyuma mbere yo kubajugunya mu mazi.***

Kwibuka abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi bakajugunywa mu mugezi w'Umuvumba byabaye ku cyumweru bitangizwa n'urugendo rwo kwibuka.

Burakari Felix ufite umuvandimwe wajugunywe muri uwo mugezi yavuze ko abafatwaga babanzaga gukorerwa iyicarubozo.

AtI: "Inkotanyi zigitera twahuye n'ibibazo turatotezwa biba ngombwa ko dushaka uko duhunga. Ubwo twari hafi ku mupaka hari abafatiwe mu nka baragiye bazanwa bazirikiye amaguru n'amaboko inyuma, barakubitwa bamaze kugirwa intere bajugunwa muri uyu mugezi. Turabunamira kandi tunashima igihugu cyashyizeho imiyoborere iturinda kuzongera guhura n'aka kaga."

Perezida wa Ibuka mu Karere ka Nyagatare Bimenyimana Jean de Dieu yavuze ko kuba umunsi nk'uyu abantu baza kwifatanya mu kunamira abavukijwe ubuzima ari umwanya wo kubaha agaciro no gukomeza abarokotse.

AtI: "Uyu munsi dushima uko ibikorwa byo kwibuka bitegurwa ndetse ubu ku mugezi w'Umuvumba hakaba harashyizwe ikimenyetso kiriho amazina y'abo twamenye batawe mu Umuvumba.Turasaba kandi ko ubuyobozi budufasha kwita ku bakecuru bacu batujwe i Bugesera abantu bakajya bamenya uko babayeho."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen yavuze ko abagiye bicwa, abicanyi bagiye babishyiraho ibisobanuro birimo amagambo y'urwango n'ivangura.

Ati: "Nkuko bigarukwaho mu buhamya bw'abarokotse, uburyo abicanyi bateguye igihe ubwicanyi, ni umwanya wacu wo guhaguruka tugahangana n'abagifite ingengabitekerezo ya Jenoside."

Akomeza agira ati: "Kwibuka mu buryo bw'umwihariko Abatutsi tutabonye ni ukubasubiza agaciro bari bakwiriye, icya kabiri ni ukwifatanya n'imiryango itarabonye ababo kugira ngo bashyingurwe, bafite akababaro ariko tukagira ikimenyetso dukora kigaragaza ko tuzi uburyo bishwemo kandi ko tubaha agaciro."

Meya Gasana Stephen yasabye uwaba afite amakuru y'ahari imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kuyatanga kugira ngo bashyingurwe mu cyubahiro, kuko bifasha abarokotse Jenoside gukira ibikomere no kumva baruhutse mu mitima.



Abamotari babangamiwe n'insinga zo muri beto zipfundikiye ku miferege zishinyitse

# Beto zo ku isoko ry'ibiribwa rya Musanze nyuma y'amezi 10 insinga zirashinyitse

NGABOYABAHIZI Protais

***Abagana n'abakoresha isoko ry'ibiribwa rya Musanze, ahazwi nka Kariyeri, higanjemo abanyamaguru n'abanyabiziga bavuga ko babangamiwe n'iyangirika rya beto igana muri iryo soko, kuko insinga zishinyitse, bagasaba inzego bireba ko yakubakwa.***

Abo baturage bavuga ko kubera ko beto zifundikiye imiferege zarahindutse insinga gusa kuko zakozwe mu buryo butanoze zitamaze kabiri aho ngo na moto inyuraho ikarigita ku buryo kuri ubu za beto ari zo zisigaye zishinze, ibintu bibatera impungenge cyane nko mu masaha ya nimugoroba ngo kuko hari abagonga izi ferabeto.

Umwe mu bavuganye na Imvaho Nshya Musabyimana Didacienne ucuruza imbuto muri iri soko yagize ati: "Ibi byuma bihagaze imbere y'iri soko kubera imiferege yangiritse, ibi biterwa n'uko baba barashyize sima nke muri izo beto ku buryo imodoka iyo inyuzeho ije gupakurura cyangwa gupakira amapine ahita arigita; twifuza ko bakubaka iyo miferege mu buryo burambye."

Nsengimana Emmanuel yagize ati: "Igihe cy'umugoroba nko mu bihe umuriro ubuzeho gato bamwe bagwa muri ibi byobo bitagira beto, abandi bagonga biriya biferabeto bishinyitse, hari umwe mu baturage bo mu Kinigi uherutse kuvunikira muri ibi bisimu kubera kwibeshya ku manywa ariko nabwo yahungaga imodoka."

Umwe mu batwara moto mu mujyi wa Musanze, ukunze kujyana no kuvana abagenzi ku isoko rya kariyeri, avuga ko na bo hari ubwo bajya bagwamo na moto.

Yagize ati: "Kubaka nabi iyo miferege byatumye zisenyuka vuba, kuko iri soko baritashye muri Kamena 2024, ubwo si amezi 10 none imiferege yarashize, uretse no kuba abagenzi bagwamo natwe abamotari tujya tugwamo nko mu gihe urimo guha mugenzi wawe inzira, twifuza ko ba rwiyemezamirimo bajya bakoresha ibikoresho birambye."

Kuba iyo miferege yo ku isoko ry'ibiribwa rya Musanze riteza ikibazo n'impungenge bishimangirwa n'Umuyobozi w'Akarere ka Musanze ushinzwe iterambere ry'Ubukungu Uwanyirigira Clarisse, ariko ngo mu minsi iri imbere iyo miferege izaba imaze gusanwa.

Yagize ati: "Ni byo koko ikibazo cy'imiferege y'imbere y'isoko ry'ibiribwa rya Musanze, Akarere karakizi ndetse ubu rwiyemezamirimo twarangije kuvugana na we ku buryo mu kwezi gutaha kwa Gicurasi navuga ko imirimo izaba irimbanyije, kuko ibisabwa byose byarangije kuboneka."

Isoko ry'ibiribwa rya Musanze ryuzuye ritwaye miliyari zisaga 6 z'amafaranga y'u Rwanda, rifite ubushobozi bwo kwakira abantu ibihumbi bibiri ryafunguye imiryango muri Kamena 2024.

# Rusizi: Bahungiye kuri ADEPR bizeye gukira bahabonera akaga



Abarokokeye mu rusengero rwa ADEPR Ntura bavuga ko bahahungiye bizeye gukira ariko bikarangira Interahamwe zibinjiranye hakarokoka bake

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abarokokeye mu rusengero rwa ADEPR Ntura, Umurenge wa Giheke, Akarere ka Rusizi, bavuga uburyo bahungiye ku rusengero bizeye gukira ariko bikarangira Interahamwe zibinjuranye abenshi bakahasiga ubuzima.***

Uwizeyimana Gabriel wari ufite imyaka 17 mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, avuga ko yabanaga na mukuru we kuko ababyeyi babo bombi bari barapfuye, ku manywa akirirwa mu kazi mu rundi rugo agataha nimugoroba.

Tariki ya 7 Mata yaratashye nk'uko bisanzwe asanga mukuru we ntahari, anasubiye aho yiriwe asanga bari guhunga.

Ati: "Twarahunganye turara mu gihuru, bukeye mugitondo kuko twari benshi, abakuru batugira inama yo guhungira muri uru rusengero rwa Ntura. Ntitwiyumvishaga ko hari uwatinyuka kwicira umuntu mu rusengero."

Avuga ko bahageze tariki 8 Mata, basanga abahageze mbere, bitsindagira mu kazu kari ibiro bya Paruwasi ya Ntura, kubera ubuto bwaho batangira kubura umwuka.

Uwari umushumba w'iyo Paruwasi Rev.past. Nkomeza Joseph, abonye bashobora kwicwa, yagiye kuri komini kureba ko yabona ababarinda.

Yarahageze bamwuka inabi ngo natahe ibyo kurinda inyenzi ntibirimo, ntiyagaruka ku rusengero kuko yari amaze kubitegekwa.

Ati: "Twabonye tugiye gupfira muri ako kazu n'ibitero byamaze kumena amadirishya biduteramo amacumu bigakomeretsa bamwe ariko hakagira bamwe mu bakirisito b'umutima mwiza babisubizayo bikagenda, ntibijye kure n'ubundi bikaba biri hafi aho birekereje.

Ab'imbaraga muri twe baciye urugi rw'ako kazu, twinjira mu rusengero imbere tugumamo ariko ibitero bidutugirije abo bagabo b'abakirisito batahigwaga dushimira cyane nubwo baje kuneshwa, abicanyi bagashaka kubicabagahunga, ari bwo ku wa 11 Mata ibitero byaciye urugi rw'urusengero biratwinjirana."

Interahamwe zinjiyemo zibabwira gusohoka baranga zibonye banangiye ni bwo zavugaga ko abagabo n'abahungu bajya ukwabo.

Ababyeyi bafashe ibitenge batwikira bamwe mu bahungu na we arimo, Interahamwe zikagira ngo ni abakobwa, zitangira kwica abagabo n'abana b'abahungu, abagore n'abakobwa bareba.

Ati: "Icyo gihe bishe abagabo n'abana b'abahungu bose hamwe 34 n'umugore wabonye bamwiciye umwana ahaguruka ajya kumutabara na we bamukubita icumu baramwica. Bicishaga amacumu, imihoro n'izindi ntwaro gakondo, uyu munsi tukaba twibuka 38 biciwe muri uru rusengero kuko hari abandi 3 bakuye ahandi baza kurubiciramo."

Bamaze kwica abo bagabo n'abahungu, babwiye abagore n'abakobwa gusohoka, abana b'abahungu bari bambitswe ibitenge barabisohokana abicanyi bagira ngo ni abakobwa barabareka kuko hari nijoro batababonaga neza.

Umugabo wa Kanakuze Dancille n'umuhungu we wigaga mu Iseminari nto ku Nyundo biciwe muri urwo rusengero.

Kanakuze avuga ko yasohokeye mu karyango k'ako kazu bari baciye, Interahamwe zitarakagota, asohokana bamwe mu bana be n'ab'abaturanyi.

Ati: "Aha twahahuriye n'akaga gakomeye cyane ariko abarokotse turashimira cyane Perezida Kagame n'ingabo yari ayoboye zahagaritse Jenoside. Ubu turiho, turiyubatse nubwo bigoye bwose."

Ubwo hibukwaga abagabo n'abahungu 38 biciwe muri uru rusengero ku wa 11 Mata, Ntaganira Sixste uhagarariye Ibuka mu Murenge wa Giheke yavuze ko bibabaje cyane kuba barishe kugeza no kwicira Abatutsi mu nzu y'Imana babaziza gusa ubwoko bwabo.

Ati: "Ni ubugwari no kubura ubumuntu byabaranze. Bigishwaga ijambo ry'Imana mu mitima yabo ritarimo kuko iyo ribamo imbaga ingana kuriya ntiba yarishwe."

Yavuze ko abaharokokeye bakomeje guhangana n'ingaruka z'ibyababayeho n'imibereho ibagoye ariko batekanye, akabasaba gukomeza gutwaza biyubaka.

Umukozi ushinzwe ibikorwa mu itorero ADEPR Ururembo rwa Gihundwe, Kwizera Fidèle, avuga ko kuba barihswe n'abarimo abo bitaga bene se bibabaje cyane, mu gihe Imana basenga yigisha urukundo.

Ati: "Nk'itorero dukangurira abakoze Jenoside kwihana bagasaba imbabazi abo bahemukiye, tukanakangurira abafite amakuru y'ahari imibiri itaraboneka kuyatanga na yo igashyingurwa mu cyubahiro. Tunigisha abakirisito b'uyu munsi guhinduka bakaba bazima mu mitima, bagatandukana n'aba bavugaga ko basenga nyamara imitima yabo itarahindutse."

Umuyobozi w'Ishami ry'Imiyoborere myiza mu Karere ka Rusizi Munyurwa Innocent Patrick, yahumurije abarokokeye muri Paruwasi ya Ntura, ababwira ko Jenoside itazasubira ukundi abasaba kubana neza, bagaharanira gukomeza ubumwe bwabo.

Ati: "Turahumuriza abarokotse tubabwira ko Jenoside itazasubira ukundi kuko Igihugu gifite ubuyobozi bwiza bushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda bose."

Hagati aho, abakirisitu ba Paruwasi ya Ntura bakusanyije inkunga y'amafaranga 700,000 baremera Muramutsa Janvier wawokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.







Bifuza ko abazi amakuru ku haherereye imibiri itarashyingurwa bayatanga igashyingurwa mu cyubahiro

# Kayonza: Midiho barasaba amakuru ku mibiri y'ababo itaraboneka ngo ishyigurwe mu cyubahiro

**HITIMANA Servand**

**Abarokotse Jenoside mu Karere ka Kayonza barasaba ko bafashwa kubona amakuru ku mibiri y'abiciwe i Midiho na Nyagatovu muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itaraboneka kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro.**

Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi cyane abo mu Murenge wa Mukarange bavuga ko agace ka Midiho kiciwemo Abatutsi benshi ku buryo iyo bagereranyije imibiri yabonetse bemeza ko hari indi itaraboneka.

Bavuga ko amakuru kuri aba bantu yakomeje kugorana kuboneka ndetse n'abagize uruhare mu bwicanyi bwahakorewe ngo usanga batanga amakuru y'igice.

Usengimana agira ati: "Hano Midiho hari imiryango yacu yari yahahungiye n'abihishaga muri Ibi bice bya Mukarange. Twumvise ko bishwe ariko kugeza ubu hari abo tutarabona.Twinginze abo dukeka ko bazi aho bajugunywe,cyane abagiye bagaragarwaho no kugira uruhare mu kubahiga no kubica ariko ntabwo duhabwa amakuru nyayo."

Yakomeje agira ati: "Nko ku rusengero rwa EAR Nyagatovu kugeza ubu habonetse abahiciwe 250 gusa mu gihe hari hahungiye abantu benshi ndetse tukaba tutarongeye kubabona, bivuze ko bishwe. Twifuza ko ufite amakuru yadufasha akadutungira urutoki tukabona abantu bacu bagashyingurwa mu cyubahiro."

Binashimangirwa na Ndindabahizi Didace umuyobozi wa IBUKA mu Karere ka Kayonza, uvuga ko kuba hari abatarashyingura ababo kandi bakeka ko biciwe muri Ibi bice bibashengura imitima.

Yagize ati: "Twategereje abaduha amakuru ariko bakayatanga atuzuye. Bakatubwira bati ni aha tugasanga si byo.Twazanye imashini ducukura aho twerekwa ariko turababura. Ni mu gihe kandi ayo makuru agaragaza ko bahari bataraboneka ngo bashyingurwe, ikibazo kikaba kutagira uduha amakuru nyayo yaho imibiri yabo iri.

Nk'abarokotse Jenoside, dukomeje gusaba ko rwose ufite aya makuru yayaduha, kuko kuba hari abatarashyingura ababo biturutse ku kubura amakuru muri ubu buryo bikomeza kubashengura imitima."

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu igaragaza ko i Mukarange hiciwe Abatutsi benshi tariki ya 12 Mata mu 1994, ubwicanyi bwakozwe n'Interahamwe, abajandarume, abasirikare ndetse n'abacuruzi bamwe bari bazwi muri santere ya Kayonza.

# Nyabihu: Ayigihugu arashimira Nyirabufumbira wamurokoye muri Jenoside

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mu kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abarokotse Jenoside bo mu Karere ka Nyabihu bashimira abaturanyi babo babahishe bakarokoka, muri bo harimo uwitwa Ayigihugu Daniel.***

Ayigihugu Daniel ni umwe mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994; atuye mu Murenge wa Mukamira, Akagari ka Rubaya, Umudugudu wa Kivugiza, avuga ko ashimira Umukecuru Nyirabufumbira Gaudence, wamurokoye mu gihe abandi babyeyi bari baturanye bo babahigaga.

Uyu Ayigihugu avuga ko mu gihe Jenoside yakorwaga mu 1994 yari afite imyaka 12, we ngo ntiyari azi ibiri kuba, uretse ko yabonye ababyeyi be babica gusa atazi ibyo bazira, ariko ngo ikimushimisha kuri ubu ngo ni uko Nyirabufumbira atabaye umubyeyi gito

Yagize ati: "Ndabanza kunenga bamwe mu babyeyi bigishije abana babo ingengabitekerezo; kugeza ubwo bakoze Jenoside, njyewe Nyurabufumbira ni umwe mu babyeyi bitwaye neza kuko kugera ngo mbe ngihumeka hamwe n'abavandimwe banjye 3 ni uko yemeye kutwitangira, na we yagombaga kudutanga tukicwa nk'ababyeyi bacu."

Ayigihugu akomeza avuga ko uriya mubyeyi yabahishe igihe kirekire bamuhiga, ariko ngo uyu Nyirabufumbira we yanze gutandukanya abana be n'ab'abandi

Yagize ati: "Twagiye kubona tubona abantu baje kutubaza aho ababyeyi bacu bari tuvuga ko bari mu nzu, icyo gihe twarimo gukina n'abana ba Nyirabufumbira, we yaraje aturobanura muri iryo tsinda twari hamwe aduhisha munsi y'igitanda ba bana be ababwira ko bavuga ko abicanyi batujyanye, yatwitayeho bamwe mu baturanyi bacu baranamukubise bashaka no kumwica."

Akomeza agira ati: "Nyirabufumbira yatunambyeho, kugeza ubwo Jenoside ihagaritswe, njye numva nzamwitura ni uko nkiyubaka ariko nawe kubera ko ari mama ndeba njya muha umubyizi, nkamwasiriza urukwi mbese ntiyabaho nabi ndeba."

Nyirabufumbira avuga ko atari kureka abana b'umuturanyi bazira ubusa kandi bari mu kigero cy'abe ikindi ngo yabonaga nta mpamvu yo kubica no kubahiga.

Yagize ati: "Hari bamwe mu babyeyi twari duturanye hano, babaye aba mbere mu kwicisha abaturanyi, ni ibintu byari bikomeye, ariko njyewe muri icyo gihe narabanenze, ndiyemeza barampiga, ntanga ibishoboka byose kugira ngo nkize ubuzima bwa bariya bana uko bari batatu, kuko ababyeyi babo na bene nyina bari bamaze kubica, ibi nabikoreye umutimanama wanjye, kandi rero no kunshimira nashimire Imana kuko twese yaradutabaye".

Nyirabufumbira ngo yajyaga ahamagazwa ku cyahoze ari Komini Nkuli nk'umuntu w'icyitso ucumbikiye inyenzi, ngo bigakubitiraho ko ngo hari bamwe mu babyeyi bagenzi bamubwiraga gutanga bariya bana kugira ngo abashe kugira amahoro, cyane ko bamwe muri icyo gihe babaga bishimiye gusahura.

Yagize ati: "Bahoraga bantumiza kuri Komini ngo nshumbikiye Inyenzi, mfite imbunda mu nzu, hari n'ubwo bari bagiye kundasa ariko mpebera urwaje ni bwo haje mambure wa Selire mbona barandekuye, ariko abana banjye ntabwo nari kubatanga kuki bose bari mu kigero kimwe n'abanjye, bagenzi banjye banshiye intege bantera ubwoba ariko ntabwo natanga ibibondo ngo byicwe, nakomeje kubana na bo mbonye ko nanjye bazantwikira mbyuka nijoro, mbajyana kwa mukuru wanjye, baje kubahiga ngo babice barababura".

Uyu mubyeyi wavutse mu 1952, kuri ubu ni umwe mu barinzi b'Igihango, asaba ababyeyi gukomeza kwigisha abana ineza, kuko ngo abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 benshi bari urubyiruko ruyobowe n'ababyeyi, yishimira ko yarokoye abantu kuri ubu bakaba bahumeka.

Kuri ubu umuryango wa Ayigihugu wari ugizwe n'abantu 9 harokotsemo abantu 3 gusa, ariko ntibabura gushimira ababyeyi bahishe abantu, bakanenga bamwe mu bandi babyeyi bishoye mu bwicanyi hagamijwe kwikubira imitungo y'abo babaga bamaze kwica.

Kugeza ubu mu rwibutso rwa Mukamira hashyinguwemo imibiri y'abazize Jenoside isaga 2 000.



Ayigihugu ashima Nyirabufumbira wamuhishe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, akarokoka

# Nyagatare: Babangamiwe n'ibyatsi byitwa Kanyobwa byonona ibihingwa

HITIMANA Servand

***Bamwe mu bahinzi bo mu Karere ka Nyagatare bavuga ko babangamiwe n'ibyatsi byitwa 'Kanyobwa' bigera mu mirima ntibivemo ahubwo bikonona ibihingwa byabo ari ko bibatera ibihombo.***

Aba bahinzi bavuga ko aho ibyo byatsi byageze bihava bigoye, kuko mu gihe cy'izuba byihisha ariko imvura yagwa kikamera ku bwinshi, ku buryo birusha imbaraga ibihingwa byatewe mu mirima.

Ibyo byatsi bigaragara cyane mu Mirenge ya Gatunda, Karama, Mukama n'ahandi hegereye imisozi miremire.

Uretse konona imyaka, abahinzi bo bavuga ko binababaza guhora mu masambu babagara, bikabagusha mu gihombo gituruka ku gukoresha amafaranga menshi mu guhangana n'ibyo byatsi barandura bugacya byameze.

Abishimwe Leandre agira ati: "Iki cyatsi rero ahantu kigeze ntikihacika. Kirororoka cyane ku buryo iyo kije mu myaka kiguha akazi ko kubagara buri gihe kuko utabikoze kirengera imyaka ku buryo nta musaruro wabona. Iri bagara rya hato na hato na ryo rituma dutakaza umwanya n'amafaranga y'abakozi. Hakozwe ubushakashatsi kuri iki cyatsi hakaboneka imiti yahangana nacyo byakorohereza abahinzi."

Akomeza avuga ko ibyo byatsi bikunda cyane ahantu hari urutoki.

Murindwa Donat na we agira ati: "Intoki z'inaha dusanga zararaye kubera izi Kanyobwa. Bitera umwanda mu rutoki kuko mu gihe cy'imvura bimera ari byinshi cyane. Akenshi rero dukorera urutoki kugira ngo twese neza. Bivuze ko mu gihe rwaba ruri muri ibi bihuru ntabwo warutegaho umusaruro nkuwo rwagatanze ruri ahantu



**Icyatsi kibangamiye abahinzi mu Karere ka Nyagatare**

hakeye."

Akomeza avuga ko ibyo byatsi bigira imbuto nyinshi zihisha mu butaka mu gihe cy'izuba, imvura yagwa zikamera ku bwinshi.

Ati: "Nta bundi buryo bwo kukirwanya kuko ntiwatoragura izo mbuto zacyo ngo uzimare mu mirima. Ikindi ntizijya zibora, iyo izuba rivuye huma utwatsi two hejuru imbuto zigasigara murima. Tubonye buryo bwo kukirwanya byadufasha."

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi (RAB) buvuga ko nta miti izwi yakwica ibyo byatsi, kandi ngo ntabwo ari icyonnyi uretse kuba cyaba cyinshi cyane kikabuza imyaka kuzamuka.

RAB igira inama abo bahinzi yo kubagara no gukoresha ifumbire cyane, mu rutoki hagasasirwa cyane.

Kayumba John, Umuyobozi w' Ishami rya RAB muri Nyagatare, yagize ati: "Nta bushakashatsi burakorwa kuri iki cyatsi ngo haboneke umuti wakirwanya. Gusa ubu amakuru tugifiteho ni uko icyo cyatsi kitona, ahubwo gishobora kubangamira imyaka mu gihe kitayikuwemo ngo ibone ubwisanzure."

Yavuze ko uretse kuba cyaba umwanda n'imbogamizi zo gukura kw'imyaka igihe cyabaye cyinshi, abaturage bakoresha uburyo bwo gusasira urutoki ngo ntikibahangara kuko ifumbire ikirusha imbaraga ntikizamuke.

UWIZEYIMANA Aimable

# Kamonyi: Barifuza ko hajyaho umugoroba w'urubyiruko rwigiramo amateka ya Jenoside

***Abatuye Akarere ka Kamonyi bavuga ko icyifuzo bafite ari uko Leta ikwiye gushyiraho umugoroba w'urubyiruko, wo kwigiramo amateka y'Igihugu cyane cyane aya Jenoside kuko hari urubyiruko rutabasha gukomeza kwiga ngo nibura ruyigire mu ishuri.***

Mukamurangwa Claudine ni umwe mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wo mu Karere ka Kamonyi, avuga ko icyifuzo afite kijyanye n'uko Leta yashyiraho umugoroba w'urubyiruko rwigiramo amateka y'igihugu.

Ati: "Urabona hari urubyiruko rutabashije kwiga yewe n'abiga ntabwo babasha gusobanurirwa amateka y'Igihugu cyane cyane aya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 uko bikwiye. Ku bwanjye nifuza ko Leta yadufasha hakajyaho umugoroba w'urubyiruko ku buryo ababyeyi babonye Jenoside bayibayemo bafasha Leta gutanga umusanzu mu kwigisha urubyiruko amateka y'Igihugu."

Mugenzi we na we avuga ko hari urubyiruko rwigishirizwa ingengabitekerezo ya Jenoside ku mashyiga ku buryo hagiyeho umugoroba w'urubyiruko cyaba ari igisubizo mu gukumira uko kwigishwa amateka agoretse.

Ati: "Ubundi uko mbibona nkuko hagiyeho umugoroba w'ababyeyi wo kwita ku muryango, hakwiye no kujyaho umugoroba w'urubyiruko urufasha kwiga amateka y'Igihugu cyane cyane aya Jenoside yakorewe Abatutsi, kandi



**Urubyiruko rwifuza ko hashyirwaho umugoroba w'urubyiruko rukigiramo amateka**

bigizweno uruhare n'Abayabayemo kuko hari urubyiruko magingo aya rukigishirizwa ku mashyiga amateka atariyo anakurura ingengabitekerezo ya Jenoside."

Senateri Mugisha Alexis avuga ko iki cyifuzo ari cyiza kizakorerwa ubuvugizi.

Ati: "Kwifuza ko habaho umugoroba w'urubyiruko urufasha kwiga amateka y'Igihugu cyababyaye by'umwihariko ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ni icyifuzo cyiza kandi kizakorerwa ubuvugizi ku buryo Ababyeyi bagira uruhare mu kwigisha ababyiruka amateka ya nyayo, dore ko kubera kwigishwa atari yo kuri bamwe mu rubyiruko usanga narwo hari igihe hagaragaramo ingengabitekerezo ya Jenoside".

Senateri Mugisha avuga kandi ko kwigisha abakiri bato amateka y'Igihugu nta kuyagoreka, bakigishwa uburyo urubyiruko rwigishijwe rugashorwa mu gukora Jenoside, ariko kandi bakigishwa ko Inkotanyi zayihagaritse harimo n'urubyiruko, biri mu bifasha kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda, kandi bigakangurira urubyiruko gukoresha imbaraga mu byiza byubaka Igihugu aho kuzikoresha mu bibi bigisenya.





# Nyagatare: Barubakirwa umuhanda wa Kaburimbo uzatwara miliyari 2,9 Frw

HITIMANA Servand

***Abaturage b'Imidugudu ya Mirama ya mbere n'iya kabiri mu Murenge wa Nyagatare, Akarere ka Nyagatare barabyinira ku rukoma kubera umuhanda wa kilometero 2,5 batangiye kubakirwa ahantu bamaze igihe kinini babisaba.***

Ni umuhanda biteganywa ko uzuzura utwaye miliyari zisaga 2,9 z'amafaranga y'u Rwanda, ukazoroshya imigenderanire, iterambere ry'ubucuruzi no gukemura ikibazo cy'amazi atari ayoboye neza yabasanyeraga.

Aba baturage bagaragaza ko ikorwa ry'uyu muhanda rigiye gutuma isura y'aho batuye ihinduka ndetse n'agaciro kaho kakiyongera.

Mutumwinka Daniella agira ati: "Aha hantu dutuye habarirwa mu mujyi. Ariko kubera kutagira imihanda ikoze neza usanga hatateraga imbere kuko ntawifuzaga kuhataha ahishimiye, bigatuka n'uhubatse inzu bimugora kubona uyibamo cyangwa ngo ayikoreremo ku gaciro gakwiye."



**Ubwo hatangizwaga ibikorwa byo kubaka uyu muhanda**

Yongeyeho ko guhabwa umuhanda wa kaburimbo byoroshya ingendo ku buryo n'ushaka kuhakorera atabyinubira. Bivuze ko n'uhafite ikibanza ubu kigiye guhita kizamura agaciro."

Mukiza Robert nawe yagize ati: "Indi nyungu dutegereje kuri uyu muhanda ni umutekano. Ubundi twanyuraga aha mu gihe cy'imvura tunyereza waba ufite nkutwo witwaje ukumva baratugushikuje ntumenye iyo barengeye. Ariko uyu muhanda wa kaburimbo niwuzura muzi ko unacanirwa, bivuze ko tuzajya tugenda ntacyo twikanga imirimo yacu ikagenda neza."

Abafite inzu zikodeshwa na bo bahamya ko na bo bagiye kungukira bikomeye ku miyoboro y'amazi izubakwa mu nkombe z'umuhanda kuko amazi yabangirizaga inyubako n'izizikikikije.

Habimana Edmond yagize ati: "Icya mbere turashima ko uyu muhanda twawushyize mu byo twasabye ubwo hategurwaga igenamigambi ry'Akarere. Twari twagaragaje ko Umudugudu wacu nta miferege (rigole) yahashyizwe zitwara amazi aho bitwangiriza amazu bikadushyira mu manegeka."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen, yahamirije Imvaho Nshya ko muhanda wa kaburimbo ureshya n'ibirometero bibiri n'igice uri gukorwa muri Phase ya 4 y'icyiciro cya kabiri cy'Umushinga wo guteza Imbere Imijyi no kwegereza abaturage ibikorwa remezo ( RUDP 2/ Rwanda Urban Development Project).

At: "Ibikorwa nk'ibi biri mu rwego rwo kugira ngo abagenerwabikorwa biteze Imbere. Ubwo mwitegure kugenda n'iterambere riza ribasanga, abafite ibyo mukora bigiye icyo byunganirwaho n'umuhanda mutari mufite ni mubyaze umusaruro aya mahirwe Leta yanyu ibagejejeho. Ikindi uyu mushinga ugamije guca akajagari mu miturire abantu bagututa mu buryo bwiza."

Biteganywa ko imirimo yo kubaka uyu muhanda izamara amezi 6, ikazaha akazi abaturage basaga 500.

# Abari mu igororero rya Ruhango biyemeje gukura amaboko mu mifuka bagakora

UWIZEYIMANA Aimable

***Abari kugororerwa mu igororwero ry'ibanze ry'Akarere ka Ruhango riherereye mu Murenge wa Ntongwe, bavuga ko inyigisho bahabwa zibashishikariza kureka ikibi, ari zo baheraho biyemeza umugambi wo kureka ingeso mbi zirimo kwishora mu byaha no mu biyobyabwenge, ku buryo nibataha bazashyira imbere kwitabira umurimo kugira ngo ubateze imbere.***

Umwe mu bagororerwa muri iryo gororero ry'ibanze rya



**Abagororewe mu Karere ka Ruhango bafashe umugambi wo gukura amaboko mu mifuka bagakora**

Ruhango rikunze kwita ikigo cy'inzererezi, avuga ko we afite umugambi wo gutaha akitabira umurimo uzamufasha kwiteza imbere.

Ati: "Kuva nagera hano muri iki kigo turi kugororerwamo, ubuyobozi bwatangiye kujya buduha inyigisho zidushishikariza guhinduka tukitabira ibikorwa biduteza imbere, ku buryo kuri ubu ndi mushya ntazongera kwirirwa mu dusantere ntegereje uwo nambura, ahubwo nzitabira umurimo nkashyira amaboko hasi ngakora."

KOMEZA KU RUP.16

# Abari mu igororero rya Ruhango biyemeje gukura amaboko mu mifuka bagakora

IBIKURIKIRA URUP.15

Mugenzi we na we uri kugororerwa muri iri gororero rya Ruhango, avuga ko ashingiye ku biganiro ubuyobozi bubaha umugambi afite igihe azaba yatashye ari ugushyira amaboko hasi agakora kugira ngo yiteze imbere.

Ati: "Jyewe nafashwe mu mukwabu nzanwa hano kugororwa, ariko nyuma yo kuhagera ubuyobozi bukagenda butuganiriza, mfite umugambi w'uko nindamuka ntashye nzakura amaboko mu mufuka nkitabira umurimo. Muri make ibiganiro duhabwa byamfashije kwitekerezaho ku buryo ntazongera kuzerera."

Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango Valens avuga ko abari kugororerwa mu igororero ry'ibanze bakwiye guhinduka bakitabira umurimo bagasigasira ibyagezweho aho kubyangiza.

Ati: "Abagororerwa mu igororero ry'ibanze rya Ruhango icyo mbasaba ni uguhinduka bakitabira umurimo kugira ngo babashe kwiteza imbere, ubundi bagaharanira gusigasira ibyo igihugu cyagezeho bakirinda kubyangiza cyane ko abenshi usanga baba barafashwe bangiza nk'ibikoresho, ndetse bakanongeraho gusigasira gahunda ya ndi Umunyarwanda."

Abari kugororerwa mu igororero ry'ibanze rya Ruhango rihererereye mu Murenge wa Ntongwe mu Karere ka Ruhango, bigangemo urubyiruko rw'abana bo mu muhanda abandi bakaba baragiye bafatirwa mu bikorwa bihungabanya umutekano w'abaturage, birimo ubusinzi cyangwa birirwa bazerera mu masantere no mu mujyi wa Ruhango bakoraga ubwambuzi bushukana.

# Nyamasheke: Imibiri 2 y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi yashyinguwe mu cyubahiro

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Kuri Paruwasi Gatolika ya Hanika Karere ka Nyamasheke, ahari n'urwibutso rwa Jenoside rwa Hanika, habereye igikorwa cyo gushyingura mu cyubahiro imibiri 2 y'abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Umwe muri iyo mibiri wabonetse mu Mudugudu wa Ryagatari, undi uboneka mu Mudugudu wa Kanyenkondo y'Akagari ka Mutongo, mu Murenge wa Macuba, ikaba yarabonywe n'abahingaga.

Kanamugire Charles uhagarariye imiryango yashyinguye mu cyubahiro iyo mibiri yombi akaba afitemo mushiki we muto, yavuze ko akomeza gushengurwa no kutabwirwa amakuru y'ukuri y'urwo abe bishwe ngo bose bashyingurwe mu cyubahiro kuko icyo gihe we yari ku rugamba rwo kubohora Igihugu.

Ati: "Dufite ibikomere bikomeye kuko ndi ku rugamba rwo kubohora Igihugu nari nzi ko tuzasanga abantu bacu, ariko nsanga barashize. Papa yishwe avuye aha kuri iyi Paruwasi bamuta mu bwiherero, Mama na we ava hano Interahamwe zimutemaguye agenda ashaka uwamufasha, aho ageze hose banga kumufasha kugeza umwuka umushizemo."



**Imibiri 2 y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994yashyinguwe mu cyubahiro**

Yihanganishije imiryango y'abashyinguye, abibutsa ko bafite Leta nziza y'ubumwe bw'Abanyarwanda iyobowe na Perezida Paul Kagame, ari na ryo shingiro ry'icyizere cyo kubaho.

Nsengiyumva Alfred uvuka mu yari komini Kirambo, warokokeye kuri Kiliziya ya Hanika, yavuze ko yabaye imfubyi burundu ku myaka 4 gusa, ababyeyi be bombi bishwe urw'agashinyaguro.

Ubuzima bw'ubupfubyi bwamubereye bubi cyane, n'aho agiriye mu ishuri ahura n'itotezwa rikomeye, birakomeza kugeza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yarokotse mu buryo bw'igitangaza.

Yagaye abafashaga Abatutsi kurokoka nyamara hirya bakarimbura abandi, barimo n'uwageze aho ku Kiliziya ya Hanika afite amagerenade, n'undi wamufashije n'ubu bakibanye neza ariko azi ko yahindukiraga akajya mu bwicanyi.

Ati: "Nubwo hari ineza batugiriye ariko ni abicanyi nk'abandi bose, bari mu batikije imbaga hano i Hanika. Tuzavuga ineza batugiriye ni byo ariko n'ubugome bagiriye abandi ntituzabuceceka."

Uhagarariye Ibuka mu Karere ka Nyamasheke Gasasira Marcel, na we yihanganishije abashyinguye ababo mu cyubahiro, abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 muri rusange.

Yabijeje ko Jenoside yakorewe Abatutsi yahitanye abarenga 1.000.000 mu minsi 100 gusa, itazasubira ukundi.

Ati: "Turashima Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda imbaraga yashyize mu kutugarurira icyizere cyo kubaho, tukanashimira n'undi uwo ari we wese wagize uruhare mu kurengera abahigwaga barokotse, tutibagiwe abatubaye hafi na nyuma y'uko Jenoside ihagarikwa."

Umuryango Ibuka ushimira intambwe Leta yateje abarokotse Jenoside mu nzego zitandukanye z'ubuzima bwabo, ukanashima Politiki zashyizweho zikanashyirwa mu bikorwa zishimangira ubumwe bw'Abanyarwanda.

Yashimye uko abarokotse Jenoside bakomeje gufashwa, ubuzima bukaba bumeze neza, anaboneraho gushimira ingabo zari iza RPA Inkotanyi zahagaritse Jenoside zigagakomeza kuyobora n'urugamba rwo kwiyubaka.

Ku byerekeranye n'imibiri n'ubu itaraboneka n'ibonetse ikaboneka hakorwa ibikorwa remezo, Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba Ntibitura Jean Bosco, yongeye gusaba abafite amakuru kuyagaragaza na yo igashyiingurwa mu cyubahiro.

Ati: "Turasaba Abanyarwanda bose, cyane cyane abatuye aha, tunashimangira kuri bariya bakoze Jenoside kugaragaza aho bagiye bataye iyo mibiri, kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro kuko uwashynguye uwe araruhuka. Aba azi ko yamushyinguye n'iyo igihe kigeze ajya kumusura akumva ko bari kumwe."





## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**CYAMUNARA RWANDA LTD**
Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI
www.cyamunararwanda.com / Email : cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'IMODOKA ZITANDUKANYE**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd,**sosiyete ya mbere mu Rwanda mu kugurisha hifashishijwe ipiganwa ry'ibiciro "CYAMUNARA" ku mitungo yimukanwa n'itimukanwa y'imiryango idaharanira inyungu,amasosiyete y'ubucuruzi n'abantu ku giti cyabo;mu bubasha ihabwa n'amategeko, iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko ku wa kabiri taliki 22**/04/2025** saa munani z'amanywa **(14h00)** izateza cyamunara imodoka zikurikira:

- **IMODOKA LANDCRUISER V8 yakozwe 2008**
- **IMODOKA LANDCRUISER V6 yakozwe 2003**
- **IMODOKA VIGO yakozwe 2005**
- **IMODOKA COROLA(MACO INE) yakozwe 2001**

Gusura ibyo binyabiziga bizatangira tariki ya18/04/2025 biherereye mu kigo **ALARM BUSINESS CENTER** I KAGUGU ahazwi nko kuri BURENDE iruhande rwa ONE DOLLAR CAMPAIN.

**CYAMUNARA RWANDA Ltd IRIBUTSA ABAZITABIRA CYAMUNARA IBI BIKURIKIRA:**

- ✓ Cyamunara izabera mu ruhame hakoreshwa gupiganisha ibiciro mu magambo.
- ✓ Uwifuza kugura ikinyabiziga asabwa kwishyura cash ingwate ya Miliyoni imwe (1,000,000RWF) aherwaho mukwishyura .
- ✓ Uguze ikinyabiziga asabwa kwishyura ako kanya 30% y'agaciro yatsindiyeho ikinyabiziga,asigaye 70% akayishyura bitarenze iminsi ibiri ikurikira umunsi wa cyamunara
- ✓ Uguze ntiyisyure 30%uwo munsi ntasubizwa miliyoni y'ingwate kandi uwishyuye 30%ntiyishyure 70%mu minsi ibiri ntasubizwa 30% yishyuye mbere.
- ✓ Ingwate y'ipiganwa isubizwa ako kanya cyamunara irangiye kubatabashije kugura.

Ukeneye ibindi bisobanuro Abariza kuri **Tel: 0787334130/0788822147**

**Bikorewe I Kigali, kuwa 16/04/2025**

**NDEREYIMANA Mathias**
**Umuyobozi Mukuru**
**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

CYAMUNARA RWANDA LTD Tel. 0787334130

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBLIC OF RWANDA**

**CITY OF KIGALI**
**GASABO DISTRICT**
**KINYINYA HC**

**ITANGAZO RY'ISOKO**

**Kinyinya Health Center** iramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babishoboye ko ishaka gutanga Isoko ryo kugemura ibikoresho byo mu biro (Office Supply). Abifuza gupiganira iri soko baramenyeshwa ibi bikurikira:

1. Kuza gufata ku Kigo igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kiboneka ku buyobozi bw'ivuriro mu ma saaha n'iminsi y'akazi, bitwaje icyemeza ko bishyuye amafaranga ibihumbi icumi y'uRwanda (**10,000Rwf**) adasubizwa kuri konti **No**:**21101036160015118004** iri muri **GT Bank mu mazina ya Centre de Sante Kinyinya**
2. Kuzana inyandiko z'ipiganwa zanditse neza mu rurimi rw'**Icyongereza** cyangwa **Ikinyarwanda**, bikaba ibitabo bitatu, kimwe ari **Umwimerere** ibindi ari **Copy** hakubiyemo ibisabwa byose bigashyirwa mu ibahasha imwe, bitarenze tariki ya **23/04/2025** saa yine (**09:h00**).

Gufungura ayo mabahasha bizakorwa tariki **23/04/2025** mu ruhame mu cyumba cy'inama cy'ikigo nderabuzima cya Kinyinya, Mu karere ka Gasabo umurenge wa Kinyinya, akagari ka Murama, saa yine n'igice (**09h:30**).

**Kubindi bisobanuro wabariza:**
Email: kinyinyahcenter@gmail.com
Tel:0788926718

**Bikorewe Kinyinya, kuwa 17/04/2025**

Digitally signed by BATAMUGIRA Leonidas

**BATAMUGIRA Leonidas**
**Umuyobozi w'Ikigo nderabuzima cya Kinyinya**

**Email: kinyinyahcenter@gmail.com TEL:250788647018 TEL2: 0788402021**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA
TEACHERS TRAINING COLLEGE OF MURURU ( TTC MURURU)
MARIST BROTHERS
Prayer - work - success
MINEDUC P.O BOX 148 CYANGUGU RUSIZI DISTRICT TEL. 0788802338 / 0726109498 E-mail: mururuttc@gmail.com

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye rya TTC Mururu riramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi kuza gupiganira **Isoko ryo kugemura ibiribwa by'abanyeshuri** igimbwe cya gatatu mu mwaka w' amashuri 2024-2025 , **isoko ry'ibikoresho by' ubwubatsi, amazi n' amashanyarazi**, ishuri kandi riramenyesha za station zitandukanye zibyifuza gupiganira **isoko ryo kunywesha Mazutu / Esanse z' ibinyabiziga by' iryo shuri** . Ibitabo by'ipiganwa ku masoko yose biboneka mu biro by'ubunyamabanga bw'ishuri ryisumbuye rya TTC Mururu guhera ku wa 15/04/2025 mu masaha y'akazi nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi bitanu (5000 F) adasubizwa kuri buri cyiciro cyiri mu isoko( lots), kuri konti y'ishuri No **496367014510128 ya TTC MURURU** Ifunguye muri banki y'abaturage y'u Rwanda( bpr). Amabahasha y'ipiganwa arimo ibiciro afunze neza ashyikirizwa akanama gashinzwe gutanga amasoko mu cyumba cy' inama cy'ishuri ku munsi w' ifungura tariki ya 23/04/2025saa tanu za mugitondo (11:00) ari nabwo azahita afungurwa ku mugaragaragaro.

*icyitonderwa :Rwiyemezamirimo utazubahiriza isaha ya saa tanu dossiye ye ntizakirwa.*

**Bikorewe I Mururu kuwa 14 /04/2025**

**Furere TWAGIRAYEZU Elie**
**Umuyobozi w' ishuri.**

## ITANGAZO

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Huye

**UMURENGE WA GISHAMVU**
**Email: gishamvusector@huye.gov.rw**

**ITANGAZO RIMENYESHA**

**Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gishamvu mu karere ka Huye bufatanyije na komite ya IBUKA muri uyu murenge ,buramenyesha abaturage bose b'Umurenge wa Gishamvu ,abahavuka batuye ahandi ,inshuti zabo n'abaturanyi, ko ku cyumweru tariki 20/4/2025 guhera saa yine (10h00) tuzibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 mu murenge wa Gishamvu, aho hazanashyingurwa mu cyubahiro imibiri yabonetse n'izimurwa mu murenge wa Ngera mu karere ka Nyaruguru .Iki gikorwa kizabanzirizwa n'ijoro ryo kwibuka rizakorwa ku wa Gatandatu tariki ya 19/4/2025 guhera saa kumi n'ebyiri za nimugoroba (18h00').**

**Tubashimiye ko muzaza kwifatanya natwe muri iki gikorwa.**

**TWIBUKE TWIYUBAKA.**

**Bikorewe .I Gishamvu ku wa 14/4/2025**

**MUTABARUKA Jean Baptiste**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gishamvu**

## ITANGAZO RY'ISOKO

*IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI*
*FORUM NATIONAL DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES*
*NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS*

**TENDER NOTICE**

The National Consultative Forum of Political Organizations (NFPO) hereby invites all eligible bidders to submit their bids for the following tenders:

| *No* | *Title of Tenders* | *Tender reference* | *Contract Period* | *Type of documents and its availability* | *Submission Deadline* |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Tender for supplying six(6) office file cabinets | 010/NFPO/NCB/G/2024-2025 | 10 calendar days | Bidding document 17/4/2025 | 25/04/2025 |
| 2 | Tender for supplying and installation two (2) air conditioners | 011/NFPO/NCB/G/2024-2025 | 15 calendar days | Bidding document 17/04/2025 | 25/04/2025 |

The Tender Documents can be obtained from the Executive Secretariat of the National Consultative Forum of Political Organizations, P.O Box: 7459 Kigali: Tel: 0788431448 by presenting a prepaid bank slip of a non-refundable ten thousand Rwandan Francs (10.000Rfws) for one each Tender Document paid to the account n° 1000017945 of National Consultative Forum of Political Organizations (NFPO) opened at the National Bank of Rwanda (BNR), from April17th, 2025, on any working days from 9:00 AM to 5:00 PM.

Bid documents (two separate envelops each marked accordingly to what it contains) presented in four (4) copies one of which is the original must be submit to the Executive Secretary of the National Consultative Forum of Political Organizations on the above mentioned address not later than 25th April 20205 at 9:00 AM prompt. local time.

The opening ceremony of the submitted bids will be held at 9: 10AM in the conference room of the National Consultative Forum of Political Organizations on 25th April 2025.

Done at Kigali, on April 16th, 2025.

GISAGARA Théoneste
Executive Secretary

# *Ibyamamare byasabye bikanahabwa ubwenegihugu bw'u Rwanda*

**MUTETERAZINA Shifah**

***U Rwanda ntirwahindutse ahantu h'ubukerarugendo n'ishoramari gusa, ahubwo rwabaye urugo rushya rw'ibyamamare byinshi bituruka mu Karere ruhereyemo n'abandi bakomoka ahantu hatandukanye ku Isi.***

Muri bo harimo abakinnyi, abo mu myidagaduro, ibyamamare kuri televiziyo n'abandi benshi basabye bakanahabwa ubwenegihugu bw'u Rwanda.



**Eugene Anangwe yahawe Ubwenegihugu bw'u Rwanda mu 2024**

### DJ Ira

Uyu muhanga mu kuvanga imiziki akomoka mu Burundi, tariki ya 15 Mata 2025, yahawe ubwenegihugu bw'u Rwanda nyuma yo kugeza icyifuzo cye cy'uko abukeneye kuri Perezida Paul Kagame ubwo yari yahuriye n'abaturage bo mu bice bitandukanye by'Umujyi wa Kigali muri BK Arena, muri gahunda yo kwegera abaturage.

Yitwa Grace Divine Iradukunda, Yavutse mu 1997 akurira i Gitega mu Burundi, yimukira mu Rwanda mu 2015.

Kuva yatangira umwuga we mu 2017, yakuze aba umwe mu ba-DJ b'abagore bakomeye mu Rwanda, azwiho gucuranga mu bitaramo bikomeye.

### Winston Duke

Umukinnyi wa filime w'icyamamare Winston Duke, wamenyekanye cyane nka M'baku muri filime 'Black Panther', yahawe ubwenegihugu bw'u Rwanda mu 2023 kandi yari mu bitabiriye umuhango wo kwita izina ingagi ku nshuro ya 19.

Muri uwo muhango, yahaye izina "Intarumikwa", bisobanura "Resilient Giant", ku mwana w'ingagi, mu rwego rwo guha icyubahiro n'indangagaciro za nyina wapfuye.

Yavutse ku wa 15 Ugushyingo 1986, avukira mu mujyi wa Saint Paul mu gihugu cya Trinidad na Tobago, Duke yamaze imyaka ye y'ubukure i Brooklyn, New York, aho umuryango we wimukiye afite imyaka icyenda.

Uretse kuba yaragaragaye muri filime yakunzwe nka 'Black Panther' hari n'izamenyekanyemo zirimo 'Wakanda Forever', 'Us', 'Avengers: Endgame, Infinity War n'izindi.

### Eugene Anangwe

Anangwe yavukiye muri Kenya. We n'abandi bantu 296 bahawe ubwenegihugu bw'u Rwanda mu 2024 nyuma y'imyaka hafi 20 akorera itangazamakuru mu Rwanda. Akora kandi mu kigo cy'Igihugu cy'itangazamakuru, akaba yaragize uruhare mu bikorwa bitandukanye by'imbere mu gihugu by'umwihariko mu rwego rw'itangazamakuru.

### Amandine Ndikumasabo

Ndikumasabo ni umunyamakuru wa Televiziyo y'u Rwanda (RBA). Akomoka mu Burundi, yageze mu Rwanda mu 2008 ubwo yari aje kwiga. Icyifuzo cye cyo kuba Umunyarwandakazi cyatangiye kugaragara ubwo yari mu ngando, itorero rinyuramo abanyeshuri bose barangije amashuri yisumbuye aho bigishwa indangagaciro na kirazira by'Umunyarwanda, gukunda Igihugu no kukirinda ibyatumye yumva ashaka cyane kuba Umunyarwanda ndetse amaherezo abona ubwenegihugu mu 2023.

### Kenny Gasana

Kenneth Gasana ni umukinnyi mpuzamahanga wa Basketball wabigize umwuga, yabonye ubwenegihugu bw'u Rwanda mu 2022.

Yavuze ko icyamuteye gusaba ubwenegihugu bw'u Rwanda ari uko yakinaga Basketball ku rwego mpuzamahanga no ku rwego rw'Igihugu.

### Meddie Kagere

Uyu mukinnyi wavukiye muri Uganda yabonye ubwenegihugu bw'u Rwanda mu 2018 nyuma yo gukinira ikipe y'Igihugu Amavubi kuva mu 2011.

Kagere w'imyaka 39 y'amavuko, yakiniye amakipe nka Mukura VS, Rayon Sports, SC Kiyovu, Police FC, Atraco FC, Mbale Heroes, n'ayandi.

Ubusanzwe ubwenegihugu bw'u Rwanda buboneka mu buryo butandukanye nko kwaka ubwenegihugu buturuka ku gushyingiranwa, mu gihe hari n'ubuturuka ku kugirwa Umunyarwanda ari nabwo abenshi muri ibi byamamare bahawe.

# John Legend yasabye amahanga kwigira kuri Jenoside yakorewe Abatutsi

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi w'icyamamare mu njyana ya R&B akaba na Producer, John Legend yasabye amahanga kwigira kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Mu mashusho yashyizwe ku rukuta rwa X (tweeter) rw'Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali (Kigali Genocide Memorial) ku wa Kane tariki 17 Mata 2025, uyu muhanzi uherutse gusura urwo rwibutso ubwo yari yitabiriye igitaramo 'Move Afrika' cyabereye muri BK Arena, yumvikanye avuga ko abona ko amahanga yari akwiye gufatira urugero ku Rwanda, bagashyira hamwe imbaraga bakarwanya icyatera Jenoside ukundi.

Yagize ati: "Ntekereza ko u Rwanda ari urugero rwiza ku mahanga yose rwo kwigiraho no kumenya aya mateka mabi kandi tugahora tuyibuka, ariko kandi tukarwanya ingengabitekerezo kugira ngo bitazongera kubaho ukundi."

Yagaragaje ko yubashye u Rwanda kubera ukuntu abaturage barwo biyemeje kwigira ku mateka yabo kandi bakiyubaka bayashingiyeho.

Ati: "Nubaha cyane u Rwanda, Umuco warwo ndetse na sosiyete nyarwanda, kubera ukuntu bakoze ibishoboka byose kugira ngo hashyirweho gahunda yo kwibuka.



**John Legend avuga ko amahanga akwiye kwigiura ku Rwanda**

Sosiyete zimwe na zimwe zigerageza kwiyibagiza ubwicanyi nk'ubu bwazibayemo, ariko ni ngombwa kwibuka kugira ngo twigire kuri ayo mateka mabi."

Mbere y'uko John Legend ataramira mu Rwanda Umuryango wa Human Rights Foundation (HRF) wamwandikiye ubutubwa bwa 'Email' imubuza gukorera igitaramo mu Rwanda bitewe n'ikibazo cy'umutekano muke kiri mu Burasirazubwa bwa Repubulika ya Demokarasi ya Congo, ishinja u Rwanda kugiramo uruhare.

Ni ikibazo u Rwanda rwahakanye kenshi rutangaza ko nta ruhare rufite mu guhungabanya umutekano wa RDC kandi ko ibibazo biri mu Burasirazuba bw'icyo gihugu ntaho ruhuriye nabyo.

Gusa John Legend yabimye amatwi ahitamo kudahagarika gutaramira Abanyarwanda nk'uko byari biteganyijwe tariki 21 Gashyantare 2025, mu gitaramo cyanitabiriwe n'abarimo Perezida Kagame n'umuryngo we.

Ubwo yari mu kiganiro na BBC, John Legend yagaragaje ko imwe mu mpamvu yatumye atera utwatsi ibyo yari yasabwe na HRF, ari uko atumva ishingiro ryo guhana abaturage bo mu kindi gihugu mu gihe hatabaye ubwumvikane mu bya politiki.





# *Rayon Sports yatsinze Muhazi United, yisubiza umwanya wa mbere*

**SHEMA Ivan**

***Rayon Sports yatsinze Muhazi United ibitego 2-0 mu mukino w'umunsi wa 24 wa Shampiyona, yongera kwisubiza umwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo rwa shampiyona.***

Uyu mukino wabaye kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 19 Mata 2025, Kuri Stade ya Karere Ka Ngoma.

Ni umukino amakipe yombi yagiye gukina akeneye gutsinda, kuko Rayon Sports yifuzaga gukomeza guhanganira Igikombe cya Shampiyona, Muhazi United FC na yo yari ikeneye kongera amanota ayiha umutekano wo kuguma mu cyiciro cya mbere.

Mbere y'uko umukino utangira, hafashwe umunota wo kwibuka abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umukino watangiye utuje amakipe yombi akinira umupira hagati mu kibuga nta buryo bufatika buboneka.

Ku munota wa 15, Rayon Sports yabonye uburyo bwa mbere ku mupira Elanga Kanga yazamukanye, uwuhereza Iraguha Hadji ashatse kuwushyira mu izamu, ushyirwa muri koruneri na myugariro wa Muhazi United witambitse.



**Rayon Sports yatsinze Muhazi United ibitego 2-0 yongera gufata umwanya wa mbere ku rutonderw'agateganyo rwa Shampiyona**

Iyo Koruneri yatewe Muhire Kevin umupira usanga Rukundo uwukozeho, uca ku ruhande rw'izamu.

Ku munota wa 22, Rayon Sports yahushije uburyo bwo gufungura amazamu ku mupira Biramahire Abeddy yananiwe kubyaza umusaruro uburyo umupira watakajwe na Muhazi United, awuteye ufatwa n'umunyezamu Amani abanje kwiyongeza.

Kugeza ku munota wa 30, Muhazi United yagowe no kwibona mu mukino akazi gakomeye gakorwa n'Umunyezamu Twagirayezu Amani wakugaragamo imipira myinshi.

Ku munota wa 34, Rayon sports yarushaga Muhazi United yabonye uburyo bw'igitego ku ishoti rikomeye ryatewe na Rukundo Abdul Rahman ari muri metero nka 25, umupira ushyirwa muri koruneri n'Umunyezamu wa Muhazi United, Twagirayezu Amani.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya 0-0.

Mu igice cya kabiri, Rayon Sports yakomeje gusatira ishaka igitego harimo uburyo bwabonetse ku munota wa 49 ku mupira wahinduwe mu rubuga rw'amahina usanga na Elanga-Kanga ateye ishoti rikomeye umupira ujya ku ruhande.

Ku munota wa 54, Rayon Sports yakoze impinduka Aziz Bassane na Ishimwe Fiston basimbura Rukundo Abdul Rahman na Iraguha Hadji.

Ku munota wa 56, Rayon Sports yahushije uburyo bwabazwe ku mupira watewe na Youssou Diagne n'umutwe, ukurwamo na Twagirayezu Amani, nyuma ya koruneri yari itewe na Muhire Kevin.

Ku munota wa 64, Umutoza Rwaka Claude yakoze impinduka ya kabiri

Elanga Kanga asimburwa na Adama Bagayogo.

Izi mpinduka zahise zitanga umusaruro nyuma y'umunota umwe Adama Bagayogo yafunguye amazamu atsindishije umutwe ku mupira uteretse watewe Omborenga Fitina, ukurwamo n'Umunyezamu Amani usanga uyu Munya-Mali uwushyira mu izamu.

Rayon Sports yarushaga Muhazi United yatsinze igitego cya kabiri ku munota wa 68, gitsinzwe na Biramahire Abeddy ku ishoti yatereye kure, umunyezamu Amani wari imbere abona umupira ujya mu izamu.

Ku munota wa 78, Rayon Sports yahushije uburyo bwabazwe bw'igitego cya gatatu ku mupira Biramahire Abeddy yacomekewe, yinjira mu rubuga rw'amahina ateye mu izamu, Twagirayezu Amani ashyira umupira muri koruneri itagize icyo itanga.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinze Muhazi United ibitego 2-0, yongera kwisubiza umwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo rwa shampiyona n'amanota 50 irusha APR FC ya kabiri amanota abiri mbere y'uko ikina na Etincelles FC ku Cyumweru.

Muhazi United yafashe umwanya wa 13 n'amanota 26.

Indi mikino yabaye uyu munsi, Kiyovu Sports yavuye mu murongo utukura nyuma yo gutsinda Mukura VS igitego 1-0, AS Kigali yatsinze Amagaju FC ibitego 2-1, Musanze FC yanganyije na Vision FC 0-0 mu gihe Marines FC yanganyije na Gorilla FC igitego 1-1.

Umunsi wa 24 wa Shampiyona uzasozwa ku Cyumweru tariki ya 20 Mata 2025

APR FC izakira Etincelles FC

Rutsiro FC izakira Bugesera FC.

# Perezida Kagame yashimiye Arsenal yasezereye Real Madrid muri UEFA Champions League

**SHEMA Ivan**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yashimye Arsenal FC yageze muri ½ muri UEFA Champions League ya 2024/25, nyuma yo kunyagira Real Madrid Ibitego 5-1 mu mikino yombi.***

Umukuru w'Igihugu yabigarutseho ku mugoroba wo ku wa Gatatu tariki ya 16 Mata 2025, nyuma yaho Arsenal Itsinze Real Madrid ibitego 2-1 mu mukino wa 1/4 UEFA Champions League wabereye ku kibuga Saintago Bernabeu cya Real Madrid.

Mu Butumwa yanyushije ku rukuta rwe rwa X, Perezida Kagame yagize ati "Mikel Arteta n'ikipe yose ya Arsenal baduteye ishema twebwe abafana n'abafatanyabikorwa. Mukwiye byose. Mukomerezeho."

### Uko umukino wagenze muri rusange

Ni umukino watangiranye imbaraga amakipe yombi asatirana. Bidatinze ku munota wa 13 Raúl Asencio yakiniye nabi Mikel Merino mu rubuga rw'amahina, umusifuzi yifashishije VAR atanga penaliti.

Yafashwe na Bukayo Saka ariko ayiteye Thibaut Courtois ayikuramo umupira awushyira muri koruneri itagize icyo ibyara.

Ku munota wa 22, Real Madrid yashoboraga guhabwa penaliti ku mupira wahinduwe imbere y'izamu, Declan Rice agakinira nabi Kylian Mbappé.

Umusifuzi yamaze iminota itanu atarafata icyemezo kuko yabanje kumva bagenzi be bo kuri VAR ariko birangira agiye kwirebera bityo yanzura ko nta kosa ryabayeho ndetse n'ikarita y'umuhondo yari yahaye Rice ayikuraho.

Mu minota 35, umukino watuje amakipe yombi akinira cyane mu kibuga hagati kuko atageraga imbere y'izamu cyane nk'uko yatangiye.

Igice cya mbere cyongeweho iminota irindwi ariko kirangira amakipe yombi anganya ubusa ku busa.

Igice cya kabiri cyatangiye gituje bitandukanye n'icya mbere. Ku munota wa 64, umunyezamu David Raya yateye umupira muremure, Arsenal izamuka neza, Merino acomekera Saka umupira mwiza atsinda igitego cya mbere arobye Courtois.

Nyuma y'iminota ibiri gusa, Vinicius Junior yishyuye igitego ku mupira watakajwe na myugariro William Saliba, aho yahawe umupira na Raya yisanga uyu Munya-Brésil yamugezeho ndetse arawumutwara atsinda igitego.

Umukino warangiye Arsenal itsinze Real Madrid ibitego yaitego 2-1, iyisezerera ku giteranyo cy'ibitego 5-1 mu mikino yombi.

Muri ½ Arsenal izahura na Paris Saint Germain yasezereye Aston Villa.

Arsenal yaherukaga muri ½ UEFA Champions League mu mwaka w'imikino wa 2008/2009.

Undi mukino Inter Milan yanganyije na Bayern Munchen ibitego 2-2, iyisezerera ku giteranyo cy'ibitego 4-3 mu mikino yombi.

Muri ½ izahura na FC Barcelona yasezereye Borussia Dortmund.

Imikino ibanza ya ½ iteganyijwe tariki ya 29 na 30 Mata 2025.

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-9 TARIKI 15-21 Mata 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yanganyije na Etincelles inanirwa kwisubiza umwanya wa mbere

**SHEMA Ivan**

***APR FC yanganyije na Etincelles FC ibitego 2-2 mu mukino w'umunsi wa 24 wa Shampiyona, inanirwa kwisubiza umwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo rwa Shampiyona.***



**Etincelles FC yivuye inyuma ibitego bibiri Ibuza APR FC kwisubiza umwanya wa mbere**

Ni umukino wabaye kuri iki cyumweru tariki ya 20 Mata 2025, kuri Kigali Pele Stadium.

APR FC yagiye gukina isabwa gutsinda ngo yisubize umwanya wa mbere kuko yarushwaga amanota abiri na Rayon Sports ya mbere.

Etincelles FC nayo yashakaga amanota yo gukomeza kuyifasha kwizera kuguma mu cyiciro cya mbere nta nkomyi.

APR FC yatangiye umukino isatira cyane izamu rya Etincelles FC ishaka igitego cya mbere harimo umupira Djibril Ouattara yinjiranye akinana na Ruboneka, awumusubije akinirwa nabi, ugarukira Ruboneka uwuhinduye mu izamu, Sy na Arsene bananirwa kuwutsinda ufatwa neza na Nishimwe Moise.

Ku munota wa 7, Rutayisire Aman yakiniye nabi Lamine Bah, ikosa rihanwe na Ruboneka ashyira umupira mu rubuga rw'amahina, Ouattara akinirwa nabi akubiswe ukuguru, umusifuzi atanga penaliti

Iyi Penaliti yinjijwe na Ouattara Cheikh Djibril, yuzuza igitego cya gatandatu muri Shampiyona yagezemo muri Mutarama 2025.

Ku munota wa 12, APR FC yasatiraga cyane yabonye amahirwe yo gutsinda igitego cya kabiri ku mupira Tuyisenge Arsene yananiwe gutsinda uwuhawe na Ruboneka, umunyezamu Nishimwe Moise arahagoboka.

Ku munota wa 25 yabonye uburyo bukomeye bwo kwishyura ku ikosa ryahanwe na Mukoghotya Robert rikozwe na Lamine Bah, ateye ishoti rikomeye rikurwamo na Ishimwe Pierre mbere y'uko Niyomugabo Claude akiza izamu.

Ku munota wa 28, APR FC yakoze impinduka Nshimiyimana Yunussu wavunitse, asimburwa na Aliou Souane.

Ku munota wa 37, Djibril Ouattara yinjiranye umupira mu ruhande, awuha Byiringiro Gilbert uwuhinduye imbere y'izamu, Mamadou Sy ashatse kuwutera yigaramye ujya ku ruhande.

Mbere y'uko Igice cya mbere kirangira, umusifuzi wa kane yongeyeho iminota itatu y'inyongera.

Ku munota wa 45+1 Cheikh Djibril Ouattara yatsindiye APR FC igitego cya kabiri n'umutwe ku mupira wari uvuye muri koruneri yatewe na Ruboneka Bosco.

Uyu Munyaburukina Faso yuzuzaga ibitego birindwi muri Shampiyona.

Igice cya mbere cyarangiye APR FC yatsinze Etincelles ibitego 2-0 bya Cheikh Djibril Ouattara.

Mu igice cya kabiri, Etincelles yagarukanye imbaraga itangira ishaka kwishyura nibura igitego kimwe.

Ku munota wa 51 Etincelles FC yabonye uburyo bwo kwishyura ku ishoti rikomeye ryatewe ma Ishimwe Djabilu ari inyuma y'urubuga rw'amahina, Ishimwe Pierre arasimbuka, umupira awushyira muri koruneri.

Ku munota wa 54, Etincelles FC yakinaga neza yabonye penaliti ku mupira Ruboneka Bosco yakoze mu rubuga rw'amahina nyuma yo gukurwaho na Pitchou.

Iyo Penaliti yinjijwe neza na Nsabimana Hussein.

Ku munota wa 60, Etincelles yahushije igitego cyabazwe ku mupira Frank yinjiranye asize ba myugariro ba APR FC, ananirwa kuroba umunyezamu Ishimwe Pierre wari wasohotse, umupira awutera ku ruhande.

Ku munota wa 62, APR FC yakoze impinduka Mugisha Gilbert na Victor Mbaoma basimbura Mamadou Sy na Tuyisenge Arsene.

Ku munota wa 66, Ishimwe Pierre yongeye gutabara APR FC, akuramo umupira wari utewe na Kaweesa nyuma yo guherezwa na Ishimwe Djabilu.

Ku munota wa 78, Etincelles FC yabonye igitego cya kabiri cyinjijwe na Ishimwe Djabilu ku mupira mwiza yahawe mu rubuga rw'amahina, aroba umunyezamu Ishimwe Pierre.

Umukino warangiye APR FC inganyije na Etincelles FC ibitego 2-2, inanirwa kongera kwisubiza umwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo rwa shampiyona.

APR FC yagumye ku mwanya wa kabiri n'amanota 49, irushwa inota rimwe na Rayon Sports ya mbere nyuma y'imikino 24 imaze gukinwa.

Undi mukino wabereye mu Karere ka Rubavu Rutsiro FC yatsinze Bugesera FC ibitego 4-2.